



Ikinyarwanda

Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo
inkuru zisomerwa abanyeshuri

Umwaka wa kabiri w'amashuri abanza

Icapwa rya gatatu



Iki gitabo ni umutungo
wa Leta y'u Rwanda

Ntikigurishwa

Ikinyarwanda

**Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo
inkuru zisomerwa abanyeshuri**

Umwaka wa kabiri w'amashuri abanza

Iki ni igitabo cy'umwarimu cyasubiwemo gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, cyanditswe bwa mbere muri 2015, bwa kabiri muri 2018, n'Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

© 2023 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze
Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa mbere n'ubwa kabiri ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa gatatu ku nkunga ya Banki y'Isi.

Ijambo ry'ibanze

Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri kigenewe umwarimu wigisha Ikinyarwanda mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza, cyanditswe mu mwaka wa 2015 n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB), gisubirwamo mu mwaka wa 2018, ku nkunga y'Ikigo cya Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) binyujijwe mu mushinga USAID Soma Umenye. Ni igitabo kije gufasha mu gushyira mu bikorwa gahunda yo guteza imbere umuco wo gusoma no kwandika mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza kugira ngo abana bawukurane kuko ari wo nkingi y'uburezi bufite ireme.

Iki gitabo gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri zubakiye ku nsanganyamatsiko ziteganywa mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi y'umwaka wa kabiri. Kizafasha umwarimu guha abana urugero rw'uburyo bagomba gusoma. Inkuru zikubiye muri iki gitabo zizabera umwarimu imfashanyigisho ituma abana bunguka amagambo mashya kandi bakamenya indangamuco n'indangagaciro nyarwanda. Gusomera abana izo nkuru bibatera ishyaka n'inyota yo kwisomera ubwabo ndetse no guhugukira ibyo biga.

Mu gutegura iki gitabo, hashingiwe ku mahame y'iyigandero mu bijyanye n'imyigishirize ihamye yo gutoza abana umuco wo gusoma bakiri bato, ku buryo gusomera umwana inkuru zikubiye muri iki gitabo bizamufasha gukurana umuco wo gusoma kandi akawusigasira mu buzima bwe bwose. Ni yo mpamvu mu gutegura iki gitabo hitabajwe impuguke zinyuranye mu by'uburezi no mu myigishirize y'indimi, cyanecyane ibijyanye no gusoma no kwandika inkuru zigenewe abana kugira ngo kinogere umwarimu kandi kigirire akamaro abanyeshuri.

Turashimira rero abantu bose bagize uruhare mu kwandika iki gitabo kuko bashyigikiye ku buryo bw'umwihariko igikorwa cyo gutoza abana umuco wo gusoma no kwandika bakiri bato. Turasaba kandi abantu bose bazasoma n'abazakoresha iki gitabo gutanga ibitekerezo basanga byatuma kirushaho kunogera abo kigenewe.



Dr. MBARUSHIMANA Nelson
Umuyobozi Mukuru wa REB

Gushimira

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu ivugururwa ry'igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, umwaka wa kabiri w'amashuri abanza. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye, iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi.


Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye n'abigisha mu mashuri abanza, abahanga batandukanye mu rurimi rw'Ikinyarwanda n'abandi bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kuvugururwa. Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo ndetse n'abagitunganyije.

Ndashimira abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kuvugurura iki gitabo.

By'umwihariko, ndashimira Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) ku bufatanye gihuriyeho na Leta y'u Rwanda kibinyujije mu mushinga "USAID/Tunoze Gusoma" inkunga yo mu buryo bwose cyatanze kugira ngo iki gitabo gishobore kuvugururwa.

Ndashimira byimazeyo Banki y'Isi ku nkunga yo mu buryo bw'imari yatanze kugira ngo iki gitabo gishobore kuvugururwa, gucapwa no gutuburwa.

Habaye hari indi nyunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twiteguye kuyakira kugira ngo izifashishwe mu ivugururwa ry'ubutaha.



MURUNGI Joan

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB

Ishakiro

Ijambo ry'ibanze.....	v
Gushimira.....	vi
Iriburiro	ix

UMUTWE WA 1: UMUCO W'AMAHORO 2

Giraneza na Kanyenyeri	2
Byishimo n'abavandimwe be	4
Nzobe yisubiyeho.....	6
Dufashanye	8
Yasabye imbabazi	10
Abaturanyi beza	12

UMUTWE WA 2: INSHINGANO Z'ABANA 14

Twanditse inkuru ku nzovu	14
Intozi n'igihore.....	16
Yabaye intangarugero	18

UMUTWE WA 3: UBURENGANZIRA BW'UMWANA..... 20

Twese twidagadure	20
Ineza ntazibagirwa	22
Ni umwana nk'abandi.....	24

UMUTWE WA 4: IMIYOBORERE MYIZA..... 26

Umunsi wa mbere njya ku ishuri	26
Sinzongera kubeshya	28
Yafashe ikemezo kiza	30

UMUTWE WA 5: ISUKU..... 32

Bahorana isuku	32
Nsukura umubiri wange	34
Abana ba Bihehe	36

UMUTWE WA 6: ITUMANAHU N'IKORANABUHANGA 38

Bahawe ibihembo	38
Iterambere iwacu	40

Harakabaho itumanaho	42
Tubifate neza	44
Twahawe mudasobwa	46
UMUTWE WA 7: ITERAMBERE	48
Agaseke ka Mukantaganzwa	48
Masenge yiteje imbere	50
Ababyeyi biyubakiye ishuri	52
Urugendo shuri	54
Iterambere ry'inyamaswa	56
UMUTWE WA 8: UBUZIMA	58
Abana ba Nkwaya	58
Akanyamasyo n'igifwera	60
Imikino ntazibagirwa	62
Twirinde indwara.....	64
Duharanire ubuzima	66

Iriburiro

Iki gitabo cyateguwe hashingiwe ku nkuru zanditswe n'umushinga USAID L3 ziranonosorwa hanyuma hiyongeramo izindi nkuru nshya. Gikubiyemo inkuru umwarimu asomera abanyeshuri bo mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza. Inkuru zisomerwa abanyeshuri ni bumwe mu buryo bukoreshwa mu kwigisha kumva, kuvuga, gusoma no kwandika. Ubu buryo bushya bw'imyigishirize y'Ikinyarwanda buteganya inkuru umwarimu azajya asomera abanyeshuri buri cyumweru.

Buri nkuru ishingiyeye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe n'abashinzwe uburezi, mu rwego rwo gutoza abanyeshuri uburere bwabagirira akamaro, kandi bukanagirira akamaro Igihugu cyabo n'umuryango mugari w'Abanyarwanda. Izo nsanganyamatsiko zituma kandi bagira ubumenyi ku bibazo byugarije isi batuyemo n'ubushobozi bwo gutanga umusanzu wabo mu kubishakira umuti uboneye.

Insanganyamatsiko zateganyijwe mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza ni izi zikurikira: umuco w'amahoro, inshingano z'abana, uburenganzira bw'umwana, imiyoborere myiza, isuku, itumanaho n'ikoranabuhanga, iterambere n'ubuzima. Uko abanyeshuri basomerwa inkuru zitandukanye zishingiye kuri izi nsanganyamatsiko, bakazikoraho imyitozo itandukanye yo kuzisesengura, ni ko barushaho gucengerwa n'ubutumwa buzikubiyemo.

Buri nkuru kandi igenda igaruka ku bihekane byigishwa mu cyumweru. Ikomeza rero gukoreshwa mu masomo amwe y'icyo cyumweru by'umwihariko muri buri somo rya mbere n'irya kabiri ry'icyumweru.

Umwarimu aboneraho umwanya wo guha abanyeshuri urugero rw'uburyo bagomba gusoma inkuru. Abanyeshuri basomerwa inkuru zinyuranye bunguka amagambo mashya kandi bakagira amatsiko yo gusoma. Uko abanyeshuri bagenda barushaho kunguka amagambo mashya, ni na ko bagenda barushaho kunguka ibitekerezo, bagatanga ibitekerezo byabo, kandi bagafata ibintu bishya bigishijwe ku buryo bworoshye.

Inkuru zisomerwa abanyeshuri kandi ni ikigega umwarimu ashobora kuvomamo amagambo cyangwa se interuro ziganjemo ibihekane bizigwa mu cyumweru. Nk'urugero, umwarimu ashobora kongera gusoma igika runaka k'inkuru maze agasaba abanyeshuri gushaka amagambo arimo ibihekane byigwa muri icyo cyumweru.

Ni ngombwa ko umwarimu aba ari we usomera abanyeshuri izi nkuru kuko ziba zirimo inyuguti n'uburyo bw'imyandikire baba batariga. Inkuru za buri cyumweru kandi zubatse ku buryo zifite intangiriro, igihimba ndetse n'iherezo kandi ziba zishingiye ku kibazo kigomba gushakirwa umuti. Ntidushidikanya ko iki gitabo kizafasha umwarimu kugeza ku bo yigisha ubushobozi bakeneye. Ubwo ni ubushobozi bwo gutega amatwi ibyo basomerwa cyangwa bumva bagakuramo ubutumwa bwa ngombwa. Bagomba kandi kugenda bunguka ubushobozi bwo gusesengura ubwo butumwa bumvise bakabucengera ku buryo bwimbitse, bityo bagahindura imico n'imyifatire bagana aheza.

Izi nkuru zizafasha kandi abanyeshuri guteza imbere ubushobozi bwabo mu kuvuga, basubira mu byavuzwe mu nkuru mu magambo yabo, bubahiriza ibice biyigize, bityo bagatangira kongera ubushobozi bwo kwihangira inkuru bo ubwabo.

Mu myitozo abanyeshuri bakora kuri buri nkuru, bagomba kugenda bunguka ubushobozi rusange bukenewe mu buzima nko gukorera hamwe, kujya impaka zubaka, gutekereza byimbitse, gusangira n'abandi ibitekerezo mu mvugo iboneye, gushakashaka no gukemura ibibazo. Ubushobozi bakuramo bufasha cyane abanyeshuri kumva inkuru bazajya bisomera ubwabo.

Uko iki gitabo gikwiye gukoreshwa

Mbere yo gusomera abanyeshuri inkuru, umwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari ku rupapuro ruriho umutwe w'inkuru, akababazaho ibibazo. Ingero: Ni iki mubona? Muratekereza ko inkuru iza kuvuga ku ki? Kubera iki? Hanyuma akabasomera umutwe w'inkuru.

Mu gihe cyo gusomera abanyeshuri inkuru, umwarimu afata igitabo, akagendagenda mu ishuri ku buryo abanyeshuri bose babasha kubona amashusho, hanyuma akabasomera inkuru yose. Mu gihe umwarimu asomera abanyeshuri inkuru, ni ngombwa kubahiriza utwatuzo n'isesekaza bikwiye.

Nyuma yo gusomera abanyeshuri inkuru, umwarimu abaha umwanya wo kuyumva, ababaza ibibazo by'ingenzi bibafasha kwibuka ibyo amaze kubasomera: Ni nde? Ni hehe? Ni ryari? Ni iki? Ni ukubera iki?

Nyuma yaho, umwarimu yongera gusomera abanyeshuri inkuru bakagenda batahuramo amagambo akomeye bagafatanya kuyasobanura, cyangwa se akababaza amakuru mashya bakuyemo ndetse bakanagereranya ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe. Abanyeshuri kandi bagenda bahabwa imyitozo inyuranye ikubiyemo ibindi bikorwa by'umunyeshuri biteganywa mu nteganyanyigisho nko gushushanya ibivugwa mu nkuru, kuvuga irindi herezo ry'inkuru, kujya impaka ku nsanganyamatsiko zijyanye n'ibivugwa mu nkuru ndetse no kwigana cyangwa gukina ibivugwa mu nkuru.

Mu gusesengura inkuru, abanyeshuri basubiramo inkuru mu magambo yabo bwite. Bashobora kandi kuvuga ibyabaye mu ntangiriro, rwagati no mu mpera y'inkuru. Umwarimu afasha abanyeshuri gusubiramo inkuru ababaza ibibazo bituma bavuga ibyo bibuka basomewe.

**Somera abanyeshuri inkuru,
bazabe abasomyi beza.**

Giraneza na Kanyenyeri

Kanyenyeri ni umwana w'umukobwa wavukanye ubumuga bwo kutabona. Yigana na Giraneza mu mwaka wa mbere. Ababyeyi babo baraturanye bigatuma Kanyenyeri na Giraneza bakundana cyane. Giraneza abyuka kare akajya kureba Kanyenyeri. Ababyeyi be baba bamutunganyije, akamufata ukuboko bakerekeza ku ishuri. Mu nzira, bagenda baganira bishimye. Kanyenyeri agenda abwira Giraneza udukuru yasomewe na mukuru we nimugoroba. Bakagenda baseka bishimye.



Mu nzira Giraneza ayobora Kanyenyeri kugira ngo adasitara akaba yakomereka. Iyo bageze mu ishuri, Giraneza yicara hafi ya Kanyenyeri akamufasha. Umwarimu wabo Sugira ahora abwira abandi bana kwigira kuri Giraneza, bita ku bana bafite ubumuga. Ababwira ko abafite ubumuga ari abantu nk'abandi, ko bashoboye bityo ko batagomba guhezwa.



Igihe kimwe bari gukina ku ishuri, Kanyenyeri yumvise abana baririmba babyina asaba Giraneza kumujoyanayo. Bagezeye Kanyenyeri aririmbana na bo bumva afite ijwi ryiza cyane bamusaba ko yakwinjira mu itorero ryabo. Kanyenyeri arabyemera. Nyuma y'igihe gito Kanyenyeri atangira no gucuranga inanga bose batangazwa n'ubuhanga afite mu gucuranga.

Ikigo cyabo cyamenyekanye kubera itorero ryabo, ariko cyanecyane kubera uburyo Kanyenyeri akaraga imiryay'inanga. Ibyo byatumye gitangira gutumirwa mu marushanwa akomeye ku rwego rw'akarere. Igihe cyose cyatumirwaga, kegukanaga umwanya wa mbere. Ikigo kibona imidari n'ibikombe ndetse n'itorero rihabwa ibihembo bishimishije. Bifasha abagize itorero kubona ibikoresho n'imyambaro y'ishuri batabisabye ababyeyi.


Ibibazo byo kumva umwandiko


1. Ninde ufite ubumuga bwo kutabona?
2. Giraneza yajyanaga Kanyenyeri hehe?
3. Ni iki Kanyenyeri yari azi gucuranga cyane?
4. Ni gute twafasha abana bafite ubumuga butandukanye?
5. Kubera iki tutagomba guheza abana bafite ubumuga mu mashuri?
6. Ni iki wigiye muri iyi nkuru?

Byishimo n'abavandimwe be

Kera habayeho inyamaswa zikabana neza mu ishyamba. Iryo shyamba ryari ririmo ibiti bitohagiye bibereye ijisho. Muri ibyo bita harimo ibyera imbuto inyamaswa zazoromaga zikarya zigahaga. Harimo utunyugunyugu dufite amabara meza n'inyoni z'amoko menshi. Izo nyamaswa zari zifite iriba ritamba amazi y'urubogobogo mu kibaya. Wasangaga ku gicamunsi zihateraniye zaje kunywa amazi no kwiyuhagira.

Muri izo nyamaswa harimo ingwe Rugero ikagira abana batatu Byishimo, murumuna wayo Tetero na mushiki wayo Kazuba. Zakundaga gukinira mu mashami y'ibiti bakagubwa neza. Igihe kimwe Rugero yagiye guhiga, haza imbeho nyinshi, Byishimo, Kazuba na Tetero batangira gutitira. Bigira inama yo gucana umuriro ngo bote. Bamaze gucana, umuriro uragurumana, ufata amashami y'ibiti ishyamba rirashya. Inyamaswa zose zitangira guhunga, ariko zimwe muri zo zijya aho umuriro uri guturuka ngo ziwuzimye.





Za nyamaswa zizimya umuriro vubavuba. Zirangije Ntare umwami wazo arazikoranya azibwira ko buri nyamaswa yose igomba kubungabunga ibidukikije. Izisobanurira ko iyo ishyamba rihye, ibimera byangirika, inyamaswa zigahumeka umwuka uhumanye n'ibyatsi bigahinduka umuyonga. Yongeraho ko ibyari by'inyoni bishya kandi birimo abana bazo ndetse n'udusimba duto nk'utunyugunyugu tukabura ubuzima.

Muri ako kanya inzovu iza ibabaye ivuga ko amazi yose yahindutse umukara kubera ivu ryaturutse mu ishyamba rizanywe n'umuyaga. Inyamaswa zose zigwa mu kantu! Rugero isaba imbabazi ivuga ko ari abana bayo bacanye umuriro bashaka kota ukangiza ibidukikije. Byishimo na yo isaba imbabazi mu izina ry'abavandimwe bayo yizeza inyamaswa zose ko batazongera. Inyamaswa zibabarira abana ba Rugero. Hashize iminsi, imvura iragwa ishyamba rirakura, inyamaswa zongera kubaho neza.

Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Abavandimwe ba Byishimo ni bande?
2. Ni iki cyatumye ishyamba rishya?
3. Ishyamba rimaze gushya byagenze bite?
4. Ibiti bifitiye inyoni akahe kamaro?
5. Twafata neza dute amavomero yacu?
6. Ni gute twakwirinda kwangiza ibiti?

Nzobe yisubiyeho



Inkende yitwa Nzobe yabanaga na se na nyina n'abavandimwe bayo mu ishyamba. Iyo nkende yari izwi cyane kubera ko yakundaga gushotora abana b'izindi nyamaswa ndetse n'abavandimwe bayo. Buri gitondo, iyo nyina yamaraga kuyibyutsa, yajyaga mu kibanza kizengurutse inzu y'iwabo ikiyenza ku zindi nyamaswa zaje kuhakinira.

Umunsi umwe, Nzobe yiyenza kuri murumuna wayo, imukurura imisatsi yitura hasi ararira. Ako kanya inzovu iza kureba ikibaye. Nuko izunguza umutonzi irakaye iravuga iti: "Ukwiye kubana n'izindi nyamaswa mu mahoro wirinda kuzishotora." Imparage na yo yongeraho iti: "Kuki ubuza bagenzi bawe kwisanzura? Ugomba kwirinda kubasagarira, ukitoza kubana na bo mu bworoherane." Nzobe ntiyita ku nama igiriwe n'inzovu n'imparage.

Yurira ibiti itangira gusimbagurika mu mashami yabyo. Bigeze aho irananiwa n'inzara irayica. Yigira inama yo gushakisha icyo kurya. Iza kurabukwa umuzinga w'inzuki maze irivugisha iti: "Nkunda ubuki weee! Ubu se nakubaganira inzuki zikandya? Singiye kwicwa n'inzara ariko! Reka nigire kurya ubuki."



Muri ako kanya, inkende Nzobe yegera umuzinga, itangira kuwukozaho inzara maze inzuki zihita zisohoka, ziyidwanga umubiri wose. Nuko yumva ububabare bubaye bwinshi, itangira kwishimagura no gusimbagurika isakuza cyane. Mu kanya gato yumva imitsi irarabye, yicara hasi itangira gutabaza. Iguma aho yigunze, ibitotsi birayifata, irahasinzirira. Mu nzozi, ibona inzuki ziyuzuye ku bitsike, ikangukira hejuru isanga iri yonyine mu ishyamba. Itangira gutekereza ku mibanire yayo n'izindi nyamaswa, irigaya maze yiyemeza kwikosora.

Nimugoroba, inyamaswa zose zikitse imirimo, zirahamagarana zijya mu gitaramo. Inkende Nzobe na yo yihutira kuhagera. Nuko isaba ijambo iti: "Bavandimwe, ndabasaba imbabazi mbikuye ku mutima. Sinzongera kubashotora, kubasagarira no kubiyenzaho. Kuva ubu ngiye guharanira kubana namwe mu mahoro." Inyamaswa zose zumvise amagambo ya Nzobe zirishima ziyikomera amashyi. Zose zirayibabarira, zinezezwa n'uko yiyemeje guhindura imyifatire.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni bande bavugwa mu nkuru?
2. Inkende Nzobe yitwaraga ite mu zindi nyamaswa?
3. Nzobe imaze kubona ko yitwara nabi yakoze iki?
4. Iyo uri mu rugo iwanyu cyangwa ku ishuri ubana ute na bagenzi bawe?
5. Iyo ukoreye amakosa abandi bana wikosora ute?
6. Ubonye umwana ushotora bagenzi be wamugira iyihe nama?


Dufashanye



Umunsi umwe, i Rwaza haramutse hagwa imvura nyinshi. Byishimo na bagenzi be babyuka bajya ku ishuri. Bagendaga bibombaritse birinda kwitura hasi kugira ngo imyambaro yabo itajyaho ibyondo. Bamaze akanya bagenda, Byishimo agira ibyago, aranyerera yitura hasi bagenzi be batangira kumuseka. Umunyeshuri witwa Murerwa aramubaza ati: “Ese Byishimo we, uragera ku ishuri usa utyo?” Undi munyeshuri bigana witwa Rwema aramubwira ati: "Byishimo we, urasebye pe! Reba ukuntu imyambaro wambaye n’igikapu cyawe byahindutse!" Byishimo na we yirebye, agira isoni kubera ukuntu imyambaro ye yari yanduye yuzuyeho ibyondo. Yibazaga niba akomeza kujya ku ishuri biramuyobera.

Abana benshi bigana bakomeza kumushungera no kumuseka. Byishimo agerageza guhaguruka mu rwondo biramunanira. Biramubabaza cyane maze atangira kurira. Hashize akanya, umunyeshuri baturanye witwa Hirwa aba ageze aho. Akubise amaso Byishimo abona afite agahinda kenshi yiruka amusanga. Amufata akaboko, amuhagurutsa mu rwondo, atangira guhanaguza inkweto ze ibyatsi kuko zasaga nabi cyane. Abaza abanyeshuri bigana ati: “Murabura gufasha mugenzi wanyu ahubwo mukamumwaza? Mugomba kurangwa n’ibikorwa byo gufasha abandi mu gihe bahuye n’ingorane mukirinda kubatererana.”

Hirwa yitegereje Byishimo abona aratitira kubera imbeho. Ahita afungura agakapu ke akuramo umupira arawumufubika maze aramubwira ati: “Ibyiza reka dusubire mu rugo iwacu kuko ari ho hafi, nguhe amazi ukarabe wambare n’indi myambaro kugira ngo ugere ku ishuri usa neza.” Bageze iwabo wa Hirwa, ababyeyi be Byiringiro na Mukarwego, bakirana Byishimo ubwuzu. Mukarwego yihutira kumuha amazi akaraba vuba. Hirwa na we amutiza imyambaro ya mushiki we, arambara bihutira kujya ku ishuri.



Bageze ku ishuri abandi banyeshuri batangiye kwiga. Umwarimu ababaza impamvu bakererewe. Hirwa amutekerereza uko Byishimo yituye mu byondo, imyambaro ye ikandura bigatuma amujyana iwabo akamuha amazi yo gukaraba, akanamutiza imyenda yo kwambara. Umwarimu abyumvise biramunezeza, ashimira Hirwa ubufasha yahaye mugenzi we Byishimo. Ahita ashishikariza abandi banyeshuri kurangwa n'ibikorwa byiza byo gufashanya muri byose. Kuva ubwo, abanyeshuri bose biyemeza kuja bafashanya.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Byishimo byamugendekeye bite igihe yajyaga ku ishuri?
2. Abanyeshuri bari kumwe na Byishimo bakoze iki babonye aguye mu byondo?
3. Hirwa yakoze iki abonye abanyeshuri baseka Byishimo ?
4. Ari wowe ugize ibyago wumva wakenera ubuhe bufasha?
5. Kubera iki tutagomba guseka no kumwaza bagenzi bacu bagize ibibazo?
6. Wabigenza ute ubonye mugenzi wawe mwakinaga yituye hasi?

Yasabye imbabazi



Ku ishuri ryacu rya Ntobo dukina imikino inyuranye irimo gusimbuka urukiramende, kwiruka, gukina umupira w'amaguru n'iyindi. Hari n'intore zitozwa na Ntabana zihamiriza zambaye imigara nk'iy'intare. Iyo igihe k'imyitozo ngororamubiri kigeze, umwarimu wacu Uwamwiza atwibutsa ko tugomba gukina tudahutazanya.

Umunsi umwe, abanyeshuri twigana bahisemo ko dukina umukino wo kwiruka dutanguranwa umupira. Umwarimu wacu adufasha gukora amatsinda abiri, turangije tujya ku mirongo ibiri ingana. Umupira tuwutereka ku ntera ingana uturutse ku mirongo yombi.

Umwarimu yatwibukije amabwiriza tugomba gukurikiza kugira ngo umukino ugende neza. Abantu babiri muri buri tsinda bagombaga kwiruka, utanze undi kugera aho umupira uri, akawufata mu ntoki ze. Akiruka asubira aho yaturutse mu itsinda rye, maze yagerayo mugenzi we ataramufata akaba atsinze igitego.

Bidatinze hajyayo umunyeshuri witwa Umwari wo mu itsinda ryacu, na Ntaganda wo mu rindi tsinda. Ifirimbi imaze kuvuga, Umwari na Ntaganda birukira icyarimwe. Buri tsinda ryogezaga umukinnyi waryo risakuza cyane. Twe twararimbaga ngo: "Umwari! Umwari!" Umwari arushaho kuvuduka atanga Ntaganda umupira. Ahindukiye ashaka kugaruka, Ntaganda aba yamusatiriye, amukurura umwambaro. Umwari acika intege yitura hasi, atangira kurira.



Twese twihutiye kubyutsa Umwari, turamubyiringira, turamuhoza. Umwarimu wacu Uwamwiza yari yabonye uko byose byagenze. Nuko yihutira kutwegera, atangira guhumuriza Umwari. Twese tuvugira icyarimwe tuti: “Ni Ntaganda, ni Ntaganda umutuye hasi.” Umwarimu abaza Ntaganda ati:” Kuki uhutaza abandi? Imyitwarire yawe mu mukino si myiza.” Ntaganda yumvise ibyo, agira isoni n’ikimwaro kinshi, arapfukama asaba Umwari imbabazi amubwira ko atazongera na rimwe guhutazanya. Umwari amubwira ko amubabariye. Ntaganda arishima, bombi baraseka. Nuko turongera dusubira mu matsinda yacu dukina ntawuhutaje undi. Umukino urangira itsinda ryacu ritsinze dutaha twishimye.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Abanyeshuri bakinaga uwuhe mukino?
2. Ntaganda amaze gukurura umwambaro Umwari yari yambaye byagenze bite?
3. Ntaganda amaze kugira ikimwaro yakoze iki?
4. Iyo urimo gukina na bagenzi bawe ni ayahe makosa wirinda?
5. Iyo ukoshereje mugenzi wawe ubigenza ute?
6. Ni iki ushima ku myitwarire yaranze Umwari?

Abaturanyi beza



Umuryango wa Nzirorera na Rwakazina ni inshuti. Nzirorera yorora inka nyinshi n'intama naho Rwakazina agahinga amasaka. Iyi miryango ibana mu mahoro, nta mahane, nta gushotorana. Ihora iharanira gukundana, koroherana no gufashanya muri byose. Buri mugoroba abana babo ndetse n'urundi rubyiruko basabana mu mikino n'imyidagaduro inyuranye ku kibuga cy'umupira cya Kanzenze. Bakina badaturana hasi kandi n'uguye bakamuhagurutsa. Rimwe na rimwe, iyo miryango yombi iteranira mu rugo rumwe, bagateka bagasangira.

Umunsi umwe umuryango wa Rwakazina wateguye guteranira kwa Nzirorera. Rwakazina, umugore n'abana bafata ibyibo bimwe babyuzuzamo ifu y'amasaka ibindi babyuzuzamo ibihumyo kuko bari babyejeje. Bagezeyo basanga umugore wa Nzirorera arashyira amavuta mu rwabya, hari n'izindi nzabya nyinshi yujuje amavuta. Babakirana urugwiro, babereka aho bicara mu nzu. Babatekera imboga rwatsi n'umutsima, barabazimanira.

Barangije gusangira, ababyeyi biyicarira hanze bumva akayaga. Mu gihe baganiraga, abana bajya gukinira ku mbuga y'umuturanyi Gatsinzi. Manzi umwe muri abo bana arabukwa injangwe ya Gatsinzi yicaye ku gishyitsi k'inturusu. Nuko ashaka kuyifata ngo bakine na yo. Iba irasimbutse yigira mu giti cy'umunzenze cyari hafi aho. Ba bana babonye yirutse, bakomeza kwikinira.



Manzi ateye ishoti rirerire, umupira wikubita kuri ya njangwe irahanuka, itangira kujwigira cyane. Gatsinzi yumvise injangwe ye ijwigiriye, asohoka mu nzu yiruka ngo arebe icyo ibaye. Asanga abana bamwe bayibyutsa, abandi bayihungiza kuko babonaga igiye kubura umwuka. Ba bana bose bamukubise amaso, bavugira icyarimwe bamusaba imbabazi bamubwira ko batabishakaga. Gatsinzi na we ntiyazuyaza arazibaha. Arababwira ati: “Muri abana beza, mbashimiye ko mufite umuco wo kuvugisha ukuri no gusaba imbabazi mu gihe mwakoze amakosa.” Ba bana bamushimira ko abababariye. Gatsinzi aterura injangwe ye aragenda, naho abana bakomeza kwikinira.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Imiryango ya Nzirorera na Rwakazina ibana ite?
2. Ni ubuhe bwoko bw'ibiribwa kwa Nzirorera batekeye umuryango wa Rwakazina?
3. Gatsinzi aje kureba icyo injangwe ye ibaye, abana bakinaga umupira bakoze iki?
4. Mubana mute n'abana muturanye cyangwa mwigana?
5. Ubonye mugenzi wawe akoze ikosa wabigenza ute?
6. Ni iki twashima kuri aba bana bakinaga umupira?

Twanditse inkuru ku nzovu



Umunsi umwe, twari twitonze turi mu ishuri, umwarimu adusomera inkuru y'inzovu ifite ubutwari n'ubwenge. Tumaze kuyumva, twakinnye udukino twigana ibyo inzovu n'utwana twayo bikora. Hanyuma umwarimu adushyira mu matsinda aduha umukoro wo guhimba no gushushanya inkuru ku nzovu.

Itsinda ryacu ryarimo Bwenge, Kubwimana na Bwiza. Twese twagize ubwira twumvikana ibyo tugomba gushaka birimo impapuro, amakayi, amakaramu y'igiti, amakaramu y'amabara n'igoma. Twashatse kandi ibitabo bivuga ku nyamaswa kugira ngo twubahirize neza inshingano twahawe.

Muri ibyo bitabo bitandukanye twasomye twakuyemo amakuru yadufashije kubona ibitekerezo byo guhimba inkuru. Twasanze inzovu ari inyamaswa iba mu muryango kandi buri nzovu igira inshingano yayo. Ni inyamabere kuko iyo ibyaye yonsa umwana wayo. Izindi nzovu na zo ziba zigomba kumwitaho zikanamurinda. Uko umwana w'inzovu agenda akura ni ko yitoza kuba intwari, kutagira ubwoba no kwirwanaho yigana izindi nzovu nkuru akanazumvira.



Mu bihugu bimwe na bimwe, batoza inzovu gutwara abantu n'ibintu no kwikorera imitwari zikoreshereje umutonzi. Umutonzi wazo kandi ufasha inzovu guhumurirwa, guhumeka, kunywa, kurya, ukanazifasha gukaraba zimenaho amazi ku mubiri wose. Inzovu kandi zikunda kwivuruguta mu cyondo kuko kirinda uruhu rwazo kwicwa n'izuba.


Tumaze gukusanya amakuru ahagije ku nzovu twakomeje gukora umukoro umwarimu yaduhaye. Bwenge yashushanyije inzovu ifite umutonzi, umutwe, ibitwi binini, igihimba n'amaguru. Bwiza ayisiga amabara naho Kubwimana yandika muri make inkuru ijyanye n'iyi shusho mu mukono. Tumaze gukora umwitozo twaweretse umwarimu wacu wari ufite amatsiko yo kureba ibyo twakoze.

Umwarimu wacu yatangajwe no kubona itsinda ryacu ryahimbye rikanashushanya inkuru ishimishije ku nzovu. Yadushimiye umurava twagize wo kurangiza inshingano yaduhaye. Yahise ayisomera abanyeshuri twigana na bo irabashimisha cyane. Inkuru yacu yaranogejwe hanyuma ishyirwa mu nzu y'isomero ry'ikigo aho abanyeshuri bazajya bayisanga bakayisomera. Kuva ubwo umwarimu yadushishikariye gukomeza kwitoza kwandika inkuru ngufi.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni iyihe nyamaswa ivugwa mu nkuru?
2. Ni uwuhe mwitozo umwarimu yahaye abanyeshuri?
3. Inkuru Bwiza, Kubwimana na Bwenge banditse yashyizwe he?
4. Ni iyihe mikoro umwarimu wanyu ajya abaha mu ishuri?
5. Ni izihe nshingano zanyu mu rugo no ku ishuri?
6. Ni iki ushima cyaranze itsinda rya Bwenge, Bwiza na Kubwimana?


Intozi n'igihore



Umuryango w'ibihore wari uturanye n'uw'intozi. Abana bo mu muryango w'intozi buzuzaga inshingano zabo zo mu rugo. Barangwaga no gukunda umurimo bakanizigamira. Abana bo mu muryango w'ibihore bo barangwaga n'ubwibone, ubunebwe n'ubwirasi. Ibyo byatumaga umuryango w'igihore weza imyaka idahagije kandi igashira vuba.

Mu gihe cy'urugaryi, imyaka yeze nta nzara, igihore n'abana bacyo bakabyuka banywa icyayi kiza cy'u Rwanda, bakarya, ubundi bakajya kuzerera. Nta kintu na kimwe bari bazi gukora, uretse kuririmba, kubyina no kwirata ubwiza. Wasangaga batita ku bikoresho byo mu rugo bigasigara byandagaye mu mbuga bityo bikangirika. Abana b'ibihore kandi ntibakoraga isuku yo mu byumba byabo ndetse ntibanasasaga aho barara. Iyo bahuraga n'abana bakuze b'intozi bahinguye barabasekaga.

Umuryango w'intozi wagiraga umurava. Buri rutozi rukubahiriza inshingano zarwo. Mu gitondo, intozi n'abana bazo zasukuraga aho ziba. Zafataga ibikoresho aho zabaga zabibitse neza maze zikajya gushaka ibizitunga, birimo intoryi, ibihumyo n'ibindi. Intozi zimwe zaringanizaga indabo zikoresheje icyuma cyabugenewe. Izindi zajyaga guhinga, icyuya kikazirenga. Iyo zezaga, zarahunikaga, zigateganyiriza iminsi mibi. Nimugoroba, intozi zararyaga, zigatarama, zikaryama zikaruhuka, bwacya zigakomeza imirimo. Ibihore n'abana babyo, byakomeje kwidamararira.



Bidatinze, umuryango w'ibihore warembejwe n'inzara kubera kudakora. Igihore gikuru kirahaguruka no kwa Ntozi ngo ba! Kigezeye, bagiha ikaze. Cyari cyarananutse kubera inzara. Nuko igihore kiraterura kiti: "Muvandimwe wange, nje hano ngo ungurize ibyo kurya, abana bange barashonje cyane." Urutozi ruriyumvira rwibuka ukuntu rwahuraga n'ibihore byaradamaraye, birya bidakora, kandi intozi zo ziyuha akuya, nuko rukima amatwi.

Igihore kiratakamba kiti: "Muvandimwe, nyumva umfashe." Urutozi ruti: "Wowe n'urubyaro rwawe mwakoraga iki mu bihe by'ihinga?" Igihore gisubiza gifite ikimwari kiti: "Twararirimbaga, tukanabyinira abahisi n'abagenzi." Urutozi ruti: "Ngo mwararirimbaga mukanibyinira aho gukora?" Igihore kirushaho kugira isoni, kirapfukama gikomeza kwinginga. Gisezeranya urutozi ko nigihinga kikeza, kizarwishyura. Urutozi rugira impuhwe ruha igihore ibyo guteka rukigira n'inama yo gukunda umurimo. Kuva ubwo igihore kiyemeza gukora kinabishishikariza abana bacyo.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni iyihe miryango ivugwa mu nkuru ?
2. Umuryango w'intozi warangwaga n'iki?
3. Kuki umuryango w'ibihore wahuye n'inzara?
4. Iyo uza kuba mu muryango w'ibihore wari gukora iki kugira ngo muticwa n'inzara?
5. Ni iki ukora ngo ufate neza ibikoresho byo mu rugo?
6. Ni iki kiranga umuntu ukunda umurimo?

Yabaye intangarugero



Cyanzayire, Kayirebwa na Cyusa barigana mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza. Cyanzayire na Kayirebwa bakunda kwiga no kugira inama nziza abanyeshuri bigana. Cyusa we ntiyubaha, ni indangare kandi ntiyubahiriza inshingano ze uko bikwiye. Umunsi umwe Cyusa yaje kwiga atisukuye kandi atakoze umukoro. Ibikoresho by'ishuri na byo yari yabitaye. Umwarimu we abibonye aramucyaha ariko Cyusa aramusuzugura. Nuko Cyanzayire biramubabaza bikabije, ndetse yiyemeza kuza kumugira inama bagiye mu kiruhuko cya saa sita.

Igihe cyo kuruhuka kigeze, Cyanzayire ahamagara Kayirebwa ngo amufashe kugira inama Cyusa. Nuko bamujyana ahantu hiherereye, bamugira inama ko ari ngombwa kubaha abantu bose, baba ababyeyi, abarezi, abato n'abakuru. Kayirebwa na we aramubwira ati: "Twebwe abanyeshuri tugomba kumenya inshingano zacu tukazubahiriza."

Cyusa amaze gucengerwa n'impanuro agiriwe na bagenzi be, yarigaye, abemerera kutazongera gusuzugura. Yahise abaza Cyanzayire na Kayirebwa izindi nshingano zigomba kubahirizwa n'abana. Cyanzayire yahise amubwira ko muri izo nshingano harimo gukora imirimo bashoboye bafasha ababyeyi, gukurikira mu ishuri, gukora imikoro bahabwa n'abarimu, kurangwa n'isuku aho bari hose no kugira ikinyabupfura.



Mu minsi yakurikiyeho Cyusa yarikosoye, atangira kuba intangarugero mu ishuri. Yubahaga umwarimu muri byose ndetse akagira inama abandi banyeshuri. Umwarimu wabo yatunguwe cyane no kubona Cyusa yarahinduye imyifatire atagisuzugura. Yamubajije icyamuteye guhinduka. Cyusa amusubiza ko yagiriwe inama na Cyanzayire na Kayirebwa. Yamubwiye ko bamwibukije inshingano z’abana maze afata ikemezo cyo kwisubiraho.

Abanyeshuri bigana na Cyusa na bo batangajwe n’uburyo yahinduye imyifatire. Bose bari basigaye bamutangaho urugero rw’umunyeshuri wubaha kandi wubahiriza inshingano ze. Abanyeshuri bose bo ku kigo baramumenya kubera ibikorwa bye byiza bamutorera kuba umuyobozi ushinze kugira inama abandi banyeshuri mu kigo cyose. Ibyo byose byatumye ishuri yigamo by’umwihariko rihiga ayandi mu isuku, mu kinyabupfura no gutsinda amasomo. Cyusa yakomeje kubwitwaramo neza ku buryo umwaka w’amashuri warangiye agahabwa igihembo cy’umunyeshuri wahize abandi mu myitwarire myiza.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Abanyeshuri bavuzwe mu nkuru ni bande ?
2. Nyuma y’iminsi mike Cyusa agiriwe inama yakoze iki ?
3. Ishuri Cyusa yigamo ryahize ayandi mu bihe bikorwa ?
4. Uboneye mugenzi wawe mwigana asuzuguye umwarimu wamugira iyihe nama?
5. Vuga icyo unenga Cyusa n’icyo umushima?
6. Ni iki wigiye kuri Cyanzayire na Kayirebwa?

Twese twidagadure



Kankindi afite imyaka icumi. Yavukanye ubumuga bw'ukuguru. Ku ishuri iyo turi bukore imyitozo ngororamubiri, twambara imyambaro yabugenewe tugatangira gukina. Kankindi we, agumana imyambaro y'ishuri, agatangira kwimyoza. Akifatira igitabo k'inkuru, akajya kwigunga yitegereza amashusho. Umunsi umwe, umwarimu wacu witwa Myato, yitegereje Kankindi yigunze ari kwirebera amashusho y'inkuru irimo inkende, inka, inkoko n'inanyi bivuze imyirongi, bikina byishimye. Nuko Myato yumva Kankindi avuganye ikiniga ngo: "Mbega ukuntu gukinira hamwe n'abandi bishimisha!" Ako kanya Myato aramwegera amubaza impamvu afite amaganya.

Myato yabajije Kankindi impamvu adakina n'abandi bana kandi ari uburenganzira bwe. Kankindi aramusubiza ati: "Nifuzaga gukina n'abandi ariko nkagira ubwoba bwo kugwa cyangwa kuvunika. Ikibuga cyacu kirimo imyobo n'ibinogo, amabuye n'ibindi bishobora kungusha." Umwarimu Myato yumvise ibyo bisobanuro bya Kankindi, amusobanurira akamaro k'imikino n'imyidagaduro ku buzima. Yamubwiye ko gukina bituma imyenge y'uruhu rwacu ifunguka, igasohora imyanda iri mu mubiri, tukagira ubuzima buzira umuze. Yanamubwiye ko bifasha kwiga neza kandi ko kwidagadura bishimisha.



Myato yahise yibaza imyanzuro yafata kugira ngo Kankindi na we abashe gukina nk'abandi. Ako kanya Myato yahamagaye umunyeshuri witwa Mukamyi amusaba kuduhamagara twese. Tumaze kuhagera umwarimu adushyira mu matsinda abiri abwira Mukamyi ko ayobora itsinda rimwe na Kankindi akayobora irindi. Yatubwiye ko tugiye gukora amarushanwa yo gutunganya neza ikibuga. Yadusabye ko amabuye tuyarunda hamwe, imyobo n'ibinogo tukabisiba. Nuko Myato atubwira ko itsinda riza kuba irya mbere arihamba imyembe yo mu busitani bw'ishuri.

Twakoze ibyo umwarimu Myato yatubwiye vubavuba. Twarangije itsinda ryayobowe na Kankindi ari irya mbere kuko ryari ryarushije irya Mukamyi gukora ikirundo kinini. Ikibuga cyacu twari twagisukuye, kiringaniye, nta mabuye cyangwa imyobo birangwamo. Nuko Umwarimu Myato arishima, aduhamba twese imyembe. Twarishimye cyane duterura Kankindi, turamuririmbira, tunamukomera amashyi y'urufaya. Kuva ubwo Kankindi ntiyongeye kwigunga. Yatangiye gukina, kwidagadura no gusabana n'abandi.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Mu nkuru ni nde wari ufite ubumuga ?
2. Ni iyihe mpamvu yabuzaga Kankindi gukina n'abandi ?
3. Umwarimu Myato yasobanuriye Kankindi ko imikino ifite akahe kamaro?
4. Ku ishuri ryanyu, muhabwa uburenganzira bwo kwidagadura? Sobanura.
5. Ubonye umwana wipunze kubera ko afite ubumuga wamugira iyihe nama?
6. Ni izihe ngaruka umwana udakina ashobora guhura na zo?


Ineza ntazibagirwa



Nitwa Nyiraneza. Namenye ubwenge nsanga ndererwa mu kigo k'imfubyi cya Tetero. Muri icyo kigo, twari abana benshi. Kugira ngo dushobore kubona imiryango turererwamo, imvano yabaye ibirori byo kwizihiza Umunsi w'Umwana w'Umunyafurika. Mu ijamba umuyobozi w'ikigo Nsengiyumva yavuze, yibanze ku burenganzira bw'umwana bwo kurererwa mu muryango. Nyuma y'ibyo birori, Nsengiyumva yashishikariye abari aho kugira umutima ukunda no kwakira abana b'imfubyi bakarererwa mu miryango. Ni bwo habonetse ababyeyi babyifuza, baza kudutwara.

Umuryango wanyakiriye wari utuye i Murinja. Waje ugizwe n'umugabo n'umugore baherekejwe n'abana babo. Nkibabona numvise mbakunze. Umugabo yari afite imvi, umugore ahetse uruhinja akenyeye bya kibyeyi. Ubwo ndasohoka mbahobera nishimye, maze mfata igikapu cyange njyana na bo iwabo.

Tugeze mu muryango mushya nagombaga kurererwamo nasanze baranyiteguye. Ababyeyi bange banyakiriye neza. Banzimaniye ibyo kurya byiza kandi biryoshye, bampa umutobe ukonje nsangira n'abana babo. Bukeye tuba twamenyeranye, tukitana abavandimwe. Kubera ko gukina ari uburenganzira bwacu, batangiyeye kunyigisha udukino dutandukanye tumara ubukonje.



Ntibyatinze ababyeyi bange banjyana kungurira imyenda n'ibikoresho by'ishuri. Igihe cyo gutangira kigeze nkajya nnyana n'abavandimwe bange ku ishuri. Nyuma y'amasomo dufatanyaga gukora uturimo two mu rugo, nko gukubura, koza ibikoresho, gusasa uburiri turaraho no gufura utwenda tworoheje. Twari dutunze injangwe ifite amajanja meza. Nakundaga kuyigaburira.

Mu biruhuko ababyeyi batujyana gutembera. Ubushize twasuye ibiyaga biba mu Kagera, tubonamo imvubu. Data yadufotoye amafoto y'urwibutso, ndetse twabonye na ba mukerarugendo baje kureba ibyiza by'u Rwanda. Uwo muni imvura yaraguye, tubanza kugama. Twatashye bwije, injereri zatangiye kuvuga ariko twese twishimye kubera ibyiza twahabonye. Kurererwa mu muryango birashimisha cyane.

Ababyeyi bandera bamfata kimwe n'abo bibyariye. Ubu nange mfite umuryango. Mfite data na mama, barumuna bange na basaza bange. Mfite masenge na data wacu, marume na mama wacu. Nange sinzabatenguha. Nzababera umwana mwiza uko bikwiye, na bo bambere ababyeyi.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni bande bavugwa mu nkuru?
2. Nyiraneza yararerwaga he?
3. Nyuma yo kuva mu kigo k'imfubyi Nyiraneza yishimiye iki?
4. Ni iki ubona kiza cyo kurererwa mu muryango?
5. Ni ibiki ababyeyi bagomba gukorera abana mu muryango?
6. Ni iki washimye muri iyi nkuru?

Ni umwana nk'abandi



Ribanje ni umuhungu ufite imyaka ikenda. Ribanje kandi yavukanye ubumuga bw'ingingo. Ababyeyi be Mukankuranga na Samvura bajyanye mukuru we Myiyereko na mushiki we Nganji ku ishuri. Ribanje we bamurekeye mu rugo bumva ko we kwiga nta cyo byamumarira. Ribanje yirirwa mu rugo ahetse uruhinja akajya no kwahira kimari mu njumbure ngo agaburire inkoko.

Umunsi umwe, umwarimu wa ba Myiyereko yabigishije umwandiko uvuga ku burenganzira bw'abana. Abasobanurira ko abana bafite uburenganzira bungana nta vangura. Yababwiye ko bagomba kuvuzwa, bakarindwa imirimo ivunanye ndetse bakanajyanwa kwiga. Myiyereko yakubitaga agatima kuri murumuna we, yakwibuka imvune agira kandi afite ubumuga bw'ingingo akumva agize agahinda. Yatekerezaga icyo yakorera murumuna we, bikamushobera.

Si we wabonye isaha yo gutaha igeze! Mu nzira, Myiyereko yatashye aganiriza Nganji ikibazo cya Ribanje. Myiyereko ati: "Tukigera mu rugo ndahita mbaza ababyeyi bacu impamvu bavunisha Ribanje, mbabaze n'impamvu batamujiyanye kwiga kandi na we ari umwana nkatwe." Nganji na we ati: "Ni byo koko, Ribanje agomba kwiga kuko ni uburenganzira bwe. Iwacu nibanga kumujiyana ku ishuri tuzabibwire umwarimu wacu." Bakiganira imvura iba irajojobyeye irabarogoya, bataha ubutarora inyuma.



Bageze mu rugo bugorobye, babaha ibyo kurya barafungura. Barangije Myiyereko abona akanya ko kubaza ababyeyi impamvu batajyana Ribanje ku ishuri. Nyina Mukankuranga aramushubikanya ati: “Jya kuryama vuba.” Myiyereko ati: “Sinaryama mutambwiye impamvu muvunisha Ribanje, mukanga no kumujiyana kwiga kandi ari uburenganzira bwe.” Yongeraho ko umwarimu wabo yabigishije ko abana bose bafite uburenganzira bwo kwiga.

Ubwo Samvura aho yari ari, yaritaye mu gutwi. Ahamagara Mukankuranga aramubwira ati: “Uzi ko Myiyereko amaze kumenya ubwenge!” Arongera ati: “Ribanje tugomba kumujiyana kwiga koko, kuko afite uburenganzira nk’ubw’abavandimwe be.” Mukankuranga na we ariyumvira niko kuvuga ati: “Ni byo koko numvise n’abaturanyi bacu kwa Nkusi barahanwe kubera kubuza kwiga wa mwana wabo Kankuyo ufite ubumuga bw’uruhu.” Kuva ubwo biyemeza kubyuka bamugurira ibikoresho, na we bamujiyana kwiga.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni nde wimwe uburenganzira bwo kwiga ?
2. Ni iyihe mirimo Ribanje yakoraga iyo yabaga yasigaye ku rugo?
3. Kubera iki ababyeyi ba Ribanje biyemeje kumujiyana kwiga?
4. Ubonye umwana wabujijwe uburenganzira bwo kwiga wabigenza ute?
5. Ni iki unenga ababyeyi ba Ribanje ?
6. Iyi nkuru ikwigishije iki?

Umunsi wa mbere njya ku ishuri



Nitwa Jyambere, ishuri nigaho ryubatse mu mpinga y'umusozi w'iwacu. Iryo shuri ni kimwe mu bikorwa by'amajyambere mu murenge dutuyemo, rikaba n'isoko y'uburezi n'uburere bwiza.

Ku munsi wa mbere njya ku ishuri, najyanye n'umubyeyi wange Kampayana avuye kurangura amajyora. Twagezeyo mfite impumu, mpabona abarimu n'abana bambaye impuzankano zisukuye. Mu mpande zose z'ikigo k'ishuri hari isuku, indabo, ibiti by'imbuto n'ibibuga by'imikino.

Isaha yo kwinjira mu ishuri yarageze, numva ifirimbi iravuze. Abanyeshuri bose bahise bahagarara aho bari, batanyeganyega kandi bacecetse. Ifirimbi ya kabiri ivuze bose bahise baja gutonda imirongo imbere y'ishuri. Abarimu batangira gusuzuma isuku y'abanyeshuri. Bose bari bisukuye, bakarabye bisize, bogoshe imisatsi. Nta n'umwe wari ufite ipfunwe kandi bose bari bafite ikinyabupfura. Binjiye mu ishuri, twe tujya kureba umuyobozi w'ikigo k'ishuri. Yatwakiriye neza mbona ni umujyanama mwiza, ahita ajya no kutwerekana ishuri nagombaga kwigamo.

Twinjiye mu ishuri, abanyeshuri bose baradusuhuza bati: “Mwaramutse bashyitsi!” Uburyo badusuhuje wabonaga ko abanyeshuri bishimiye umuyobozi w’ikigo cyabo twari kumwe, akaba anabayobora neza. Nuko umuyobozi w’ikigo na we arabikiriza ati: “Mwaramutse banyeshuri! Mbazaniye umunyeshuri mushya, muzamukunde, mumufashe maze abigireho imico myiza, munamusobanurire amabwiriza agenga ikigo.



Umwarimu yanyakiriye neza, ampagarika imbere, maze ansaba kwibwira abandi banyeshuri. Nuko ndatangira nti: “Nitwa Jyambere Pawulo.” Abandi banyeshuri bampa amashyi menshi, numva ndushijeho gukunda ishuri. Umwarimu yanyeretse aho nicara iruhande rw’umukobwa witwa Nyampinga. Uwo mukobwa yambereye inshuti ikomeye, akajya antoza kubahiriza no kugendera ku mabwiriza abayobozi bashyizeho agenga ikigo.

Ubu maze kumenya amabwiriza yose umunyeshuri agomba kubahiriza. Ay’ingenzi ni aya: Kugira isuku aho ari ho hose, kurangwa n’ikinyabupfura, kudasakuza mu ishuri, kubaha abantu bose, kumvira abarezi bacu, kudakererwa, gukora imyitozo yose n’imikoro yo mu rugo. Amategeko yo ku ishuri yose ni meza. Atuma abanyeshuri bagendera kuri gahunda, bakagira ikinyabupfura n’uburere bunoze. Nzayakurikiza yose uko yakabaye.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Umubyeyi wa Jyambere yitwa nde?
2. Abarimu basuzumye isuku basanga abanyeshuri bameze bate ?
3. Vuga abiri mu mabwiriza agenga ishuri rya ba Jyambere.
4. Ni ayahe mabwiriza mugenderaho ku ishuri?
5. Iyo umunyeshuri aje ku ishuri ryanyu ari mushya mumwakira mute?
6. Umunyeshuri atubahirije amabwiriza y’abayobozi b’ikigo byamugendekera gute?

Sinzongera kubeshya



Ku ishuri rya Ikuzwe na Mukabaganwa hateguwe amarushanwa yo gusiganwa. Abanyeshuri benshi bifuzaga kuyitabira, batangira kwitwaza. Mu myitwazo, Mukabaganwa agasiga Ikuzwe. Ikuzwe atangira gushakisha amayeri y'uburyo azaba uwa mbere. Aza kurabukwa igiti muni y'umuhanda, aribwira ati: "Nibatangira gusiganwa nzaza inyuma y'abandi, nurire iki giti. Nimbona batangiye guhindukira nzururuka batandeba mbatange imbere."

Ku muni w'amasiganwa, abanyeshuri bari babukereye. Abasiganwa batonda umurongo bapfukamye. Muganwa umwarimu ushinze imikino, atangiza amasiganwa. Arababwira ati: "Ngiye kubara, ningeza kuri gatatu, murumva ifirimbi muhite mutangira kwiruka." Abanyeshuri batega amatwi, ifirimbi ivuze, baravuduka. Abandi batangira kogeza. Ikuzwe ashiramo umwete atangira ari uwa mbere, ariko ageze imbere yigendesha gahoro, bese bamucaho.

Ikuzwe yacunze ko ntawusigaye inyuma, yurira igiti, ategereza ko bahindukira. Igihe abandi bari batangiye guhindukira Ikuzwe na we arururuka. Nyamara se wabo Mukizwa wari ugiye kureba amarushanwa ku ishuri, aba yamubonye. Ubwo Ikuzwe yahise yiruka aza imbere y'abandi. Bagenzi be ntibamenya amayeri yakoresheje. Nuko bamuha ibihembo by'uwabaye uwa mbere, banahemba batanu bamukurikiye.

Bageze mu rugo, nyina wa Ikuzwe aramushima cyane. Nuko aramubwira ati: "Mwana wange umpesheje ishema!" Nyamara Ikuzwe yakekaga ko abantu bese bazavumbura amayeri ye agahanwa. Aho kwishimira gutsinda amarushanwa agira umutima uhagaze kubera ibinyoma bye. Yumvaga igikomye cyose nijoro agashiguka, akikanga amajwi y'abanyeshuri bari kuvuga bati: "Ikuzwe ntiyagiye mu marushanwa yari yuriye igiti!"




Nyuma yaho, Mukizwa aza kubasura. Ikuzwe amurabutswe, akeka ko aje kumurega, atangira kurizwa n'ibyo yakoze. Ikuzwe asaba imbabazi, avuga ko yakoresheje amayeri kugira ngo asige abandi. Mukizwa yahise amubwira ati: " Warenganije abandi utwara ibihembo bitari ibyawe. Ntuzongere kubeshya." Ikuzwe yahise yumva ko agomba kujya kubibwira abayobozi b'ikigo cyabo, ko yabeshye agatwara ibihembo bitamukwiye.

Ikuzwe yasubiye ku ishuri arirega, arapfukama asaba imbabazi, asubiza n'ibihembo yatwaye kugira ngo abandi barenganurwe. Kuva ubwo akajya arangwa n'ubupfura ndetse yiyemeza kujya avugisha ukuri.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni ayahe marushamwa yari ateganyijwe ku ishuri rya Ikuzwe?
2. Ikuzwe yakoze iki kugira ngo abe uwa mbere ?
3. Ikuzwe amaze kubona ko yabeshye yakoze iki?
4. Ubonye mugenzi wawe arenganya undi wamubwira iki?
5. Ni nde unenga muri iyi nkuru ? Kubera iki?
6. Ni iyihe nama wagira umwana utavugisha ukuri?

Yafashe ikemezo kiza




Gapfizi n’umugore we Mpinganzima bari barabyaranye umwana w’umuhungu witwa Umuganwa. Gapfizi yakundaga kuganira n’Umuganwa. Akamubwira ko ababazwa n’abana batagira ubupfura ngo bumvire ababyeyi. Na Mpinganzima yahoraga yibutsa Umuganwa impanuro za se. Yamubwiraga ko umurage we, ari ishuri. Mpinganzima yajyaga agira impungenge yibaza uko yarera Umuganwa aramutse ari umupfakazi.

Igihe cyo gutangira umwaka wa kabiri cyarageze. Mpinganzima ajyana Umuganwa ku ishuri. Bageze ku ishuri umuyobozi w’ikigo abibutsa amategeko ikigo kigenderaho. Yabibukije ko nta munyeshuri wemerewe gusiba ishuri cyangwa gukererwa nta mpamvu. Yongeyeho ko ababyeyi bagomba kujya inama n’ubuyobozi, bakanakurikirana imyigire y’abana babo.

Nyuma y’iminsi mike amashuri atangiye, Umuganwa yagiye mu itsinda ry’abapfayongo. Birirwaga bapfusha igihe cyabo ubusa mu gihe abandi babaga bari mu ishuri. Ntibakurikizaga amategeko agenga ikigo. Umuganwa yahuye n’umwarimu, amubajije impamvu adaheruka mu ishuri, amubwira ko atasiga nyina wenyine warembeye mu nzu. Ageze mu rugo nyina amubajije ibyo bize amubeshya ko umwarimu wabo ataje kubera ko arwaye.

Umuganwa na rya tsinda bakoze urugomo akomereka ku munwa no ku kananwa. Ntiyari afite igisebe kinini ariko iyo bamusigiragaho umuti yarizwaga n’ububabare. Uwo muni, yatahanye igikapu n’ibikoresho by’ishuri bya mugenzi we. Ageze mu rugo nyina amubaza aho akuye icyo gikapu. Umuganwa yamubeshye ko yaguranye na mugenzi we. Nyina yarebyemo asangamo ibikoresho bitari ibye, Umuganwa agira ikimwaro atangira kuvuga adidimanga.




Bukeye nyina amujyana ku ishuri agira ngo amukurikirane amenye uko byagenze. Bageze ku ishuri umwarimu abonye uwo mubyeyi ati: “Yooo! Mwihangane Umuganwa yambwiye ko mwari mwararembye.” Mpinganzima arumirwa. Yabajije umwarimu impamvu Umuganwa yatahanye ibikoresho bitari ibye. Umwarimu amubwira ko atanaheruka mu ishuri. Ubwo Umuganwa isoni zari zamwishe yubitse umutwe.

Batangiyeye kumubaza, Umuganwa yahise apfukama asaba imbabazi, yari azi ko agiye guhanwa by’intangarugero. Nuko yemera ibyaha. Yababwiye ko yiyemeje kwikosora akajya yubahiriza amategeko y’ishuri kandi ko atazongera gupfusha ubusa igihe cyo kwiga. Umwarimu ababonye biramunezeza aramuhagurutse, amusaba kuzakora neza ibyo yiyemeje. Nyina na we yiyemeza kuzabimufashamo.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ababyeyi ba Umuganwa ni bande ?
2. Umuganwa yiga mu mwaka wa kangaha ?
3. Umuganwa amaze gusaba imbabazi yiyemeje iki?
4. Mugenzi wawe ubonye yirirwa mu rugomo aho kujya ku ishuri wabigenza ute?
5. Ni izihe ngaruka abanyeshuri batiga neza bazagira mu buzima?
6. Ubonye umunyeshuri watwaye ibikoresho bitari ibye wamubwira iki?

Bahorana isuku



Ntashya n’abana be batuye mu ishyamba rigari rya Mushyoshyo. Barangwa n’ishyaka muri byose. Buri muni babyuka kare, bagasukura mu nzu hose. Basasa uburiri ndetse na buri gikoresho cyo mu nzu bakagishyira mu mwanya wacyo. Basukura kandi igikoni ndetse n’ubwiherero. Iyo barangije, bamesa imyambaro yabo n’ibitambaro by’isuku bakabyanika ahagera izuba. Nyuma y’imirimo, biyuhagira umubiri wose bakambara imyambaro imeshe bakajya gusura inshuti zabo.

Umunsi umwe, Ntashya yabwiye abana be ko bazajya i Nsoro mu bukwe kwa Nyombya. Ababaza impano bumva bashyira umugeni uzashyingirwa. Umwana umwe aravuga ati: “Ndumva twazamushyira ibikoresho by’isuku.” Abo kwa Ntashya bose bashyigikira icyo gitekerezo. Bagura ibikoresho bishya birimo amasabune, amashuka, ibitambaro byo guhanagura nuko bashyira nzira baragenda.

Bageze kwa Nyombya basanga bateye insina ku marembo, babakirana urugwiro. Babereka imyanya y’abashyitsi baricara, bazana ibyansi babasukira amata baranywa babaha n’ibyo kurya. Itorero ribakira mu mbyino nziza ari nako bakubita imirishyo ku ngoma. Abashyitsi baranezerwa, umwe muri bo arahaguruka yemerera abageni ishyo ry’imbyeyi, abari aho bakoma amashyi. Hakurikiraho Ntashya n’abana be batanga impano yabo.

Ubukwe burangiye, Ntashya abona burije biyemeza kurara kuko bari baturutse kure. Nyombya abaha ikaze mu nzu. Abana ba Nyombya bajya kwereka aba Ntashya aho barara. Bakinjira mu cyumba basanga hasa nabi, uburiri budashashe, imyenda itereye hirya no hino indi iri hasi. Abana ba Ntashya barumirwa, basasa uburiri bararyama, biyemeza kuzinduka babigisha gukora isuku.



Mu gitondo, abana ba Ntashya bafatanyaga n'abo Kwa Nyombya bakora isuku mu byumba, uburiri babusasa neza, imyenda bayizinga neza bayishyira mu mwanya wayo. Inzu barayitunganya, ibikoresho byose barabisukura babishyira aho bigomba kubikwa. Bajya mu gikoni, inyuma y'amashyiga barahakubura. Barangije, basukura mu busitani aho abashyitsi bari bicaye.

Nyuma y'amasaha abiri, kwa Nyombya hari hahindutse rwose, hasa neza bitangaje. Nyombya ashimira cyane umuryango wa Ntashya awemerera ko afashe umwanzuro wo guhora akora isuku.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ntashya n'abana be batashye ubukwe hehe?
2. Kubera iki Ntashya n'abana be bahisemo kurara kwa Nyombya?
3. Abana ba Ntashya basanze aho abana ba Nyombya barara hatari isuku babigenje bate ?
4. Ni iki twashima ku bana ba Ntashya ?
5. Ni ukubera iki tugomba kugira isuku y'aho turara?
6. Mukora mute isuku y'aho murara?

Nsukura umubiri wange




Nitwa Gwiza. Ntuye ku Ijwi. Mfite imyaka umunani. Sindi ikigwari, sinjajwa kandi mporana urugwiro. Mpora nkeye umubiri wose kandi mfite ubuzima buzira umuze. Ese bana nshuti zange, mwaba muzi imvo n'imvano y'ubwo buzima bwiza mfite? Ni uko mporana isuku aho ndi hose. Nimutege amatwi rero mbabwire uko nkora isuku y'umubiri wange.

Buri muni mu gitondo iyo mbyutse, sinshobora kujijwa ngo nge ku ishuri ntakarabye. Nkaraba umubiri wose, ngasukura umutwe neza kugira ngo ntazarwara inda cyangwa ngacika ibisebe kubera kwishimagura bitewe n'umwanda. Nkaraba amaguru neza kugira ngo ntazarwara amaga. Iyo ndangije ndisiga, nkambara imyenda isukuye kandi iteye ipasi kugira ngo mikorobe zishobora gutera indwara z'uruhu zitwikwe n'ubushyuhe bw'ipasi. Nambara inkweto zifunze zihanaguye neza kugira ngo ibirenge byange bitanuka cyangwa nkarwara ibimeme. Mu nkweto nambaramo amasogisi asukuye. Igihe cyose niyambuye inkweto, amasogisi nihutira kuyamesa n'inkweto nkazihanagura neza.

Buri muni mu gitondo na nijoro, mbere yo kuryama, noza mu kanwa. Noza amenyo nkoreshye uburoso n'umuti wabugenewe kandi ibyo mbikoze iminsi myinshi. Iyo noza amenyo nshisha uburoso mu mpande zose z'amenyo, nirinda kwikomeretsa ishinya. Iyo ndangije koza amenyo neza, niyunyugurisha amazi meza, ibyo bikandinda kunuka mu kanwa.

Buri muni nisukura amatwi. Iyo nyasukura, ababyeyi bange bamba hafi, bakampa n'ibikoresho bikwiye by'isuku yo mu matwi. Iyo nyakurugutura, nirinda gukoresha ibikoresho binjamba cyangwa bimbabaza. Nirinda no kwinjizamo imyanda. No mu gihe nkaraba, nirinda kwishyira amazi mu matwi. Namwe rero ntikumukajijwe ngo mugire ibintu bikomeretsa mushyira mu matwi yanyu, bitazabaviramo kurwara umuhaha cyangwa gupfa amatwi.



Buri muni nita ku isuku y'intoki zange. Nzikaraba nkoresha isabune n'amazi kandi ngaca inzara igihe cyose zakuze kuko zibika umwanda. Buri gihe iyo mvuye ku musarani, sinjya nibagirwa gukaraba intoki no kuzihanaguzza agatambaro gafite isuku.

Bana rero muge mugirira umubiri wanyu isuku buri gihe. Nimuyikora neza kandi buri muni, bizabarinda indwara ziterwa n'umwanda maze muhorane ubuzima buzira umuze.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni nde uvugwa mu nkuru?
2. Ni iki gituma Gwiza agira ubuzima buzira umuze?
3. Ni iyihe nama Gwiza agira abandi bana ?
4. Ese ni ngombwa koga umubiri wose buri muni? Sobanura.
5. Ese wowe ukaraba kangaha ku muni? Kubera iki?
6. Ubana n'umwana udakaraba wamugira iyihe nama?

Abana ba Bihehe



Bakame na Bihehe byari bituranye. Bakame ikababazwa n’uko abana ba Bihehe bahorana umwanda. Birirwaga bakinira mu ivumbi, imisatsi yabo yarabaye utujwiri. Bataha ntibakarabe bagahita baryama. Amenyoyari yarabaye umuhondo kubera kutayozza. Inzara zari zarashokonkoye. Bakame yabaza Bihehe impamvu itabakarabya ikayisubiza ko nta mwanya ibona.

Umunsi umwe Bakame yicaye iruhande rw’umugwegwe, yitegereza ibijwangajwanga, abana ba Bihehe baza kuyisuhuza basa nabi kandi banuka cyane. Birayibabaza, nuko irivugisha iti: “Aba bana ba Bihehe bazarwara inda, amaga ndetse n’ubuhari kubera umwanda. Reka mbajyane iwange mbakarabye nabatoze kwigirira isuku.”

Bakame yabanje kujya mu isoko kubagurira imyenda n’ibisokozo bishya. Ibagurira amavuta yo kwisiga ndetse n’uburoso bw’amenyo. Igeze mu rugo, imesa ya myenda, imaze kuma iyitera ipasi. Ishyushya amazi, irabakarabya ibamaraho imbyiro zose. Iboza amenyo, irabasiga, irabasokozza ibambika ya myenda. Irangije ibaha inshyushyu baranywa, baricara bagubwa neza. Bakame itangira kubaganiriza ku isuku y’umubiri n’aho barara. Abana ba Bihehe batega amatwi bitonze. Nuko bizeza Bakame ko batazongera kugira umwanda ukundi.



Bugorobye barataha, basanga nyina Bihehe itarahagera. Aho itahiye ibakubise amaso, irabayoberwa, iriyamirira iti: “Aba bashyitsi bakeye gutya ni aba hehe? Abana bayo bayisanganira bishimye bavugira icyarimwe bati: “Ni Bakame watumye dusa dutya!” Rugwiti bucura mu bana bayo ivuga mu ijwi rituje iti: “Bakame yadushyuhirije amazi, idukuba amaga n’imbyiro, itwoza n’amenyo. Yatuguriye imyenda mishya, amavuta n’ibisokozo none turakeye. Twiyemeje kutazongera kugira umwanda ukundi.” Bihehe irishima ariko igira n’ikimwaro.

Bwarakeye Bihehe ikoranya inyamaswa zose, izibwira ibigwi bya Bakame. Iyishimira uburyo yatoje abana bayo kugira isuku. Urusamagwe na rwo rufata ijamba ruti : “Bakame tuyishimire twese ariko mbonereho kubabwira ko inyamaswa zose dukwiye kugira isuku y’umubiri wacu, iy’aho turara n’aho dutuye. Dore aha hose huzuye ibihuru n’iriba tuvomaho ryuzuye umwanda. Dukwiye gukora umuganda kugira ngo tugire ubuzima buzira umuze. Ku munsu ukurikiyeho zabyutse zabukereye zifite ibikoresho byo gukora isuku. Zisukura hose zitera n’ubusitani bw’indabo. Zirangije zirakaraba, zitarama zihuza urugwiro.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Bakame yababazwaga n’iki?
2. Bakame yasukuye abana ba Bihehe ite?
3. Ni iki cyatumye Bihehe ivuga Bakame ibigwi ?
4. Kuki tugomba kugira isuku?
5. Ubonye umwana mugenzi wawe afite umwanda wamukorera iki?
6. Wowe ukora ute isuku y’umubiri wawe n’iyo aho urara?


Bahawe ibihembo



Ku ishuri ryacu, twakoze irushanwa ryo kwandika inkuru muri “Andika Rwanda ”. Sebakannyi, ubusanzwe azwiho kuba umukinnyi w’umupira. Yanditse inkuru ishushanyije ijyanye no kurya ubunnyano bwa murumuna we Munywanyi. Naho Nyiramanywa we usanzwe ari umubyinnyi w’imbyino za kinyarwanda yanditse inkuru ku kajangwe kakundaga kunywa amata no kunnyigira. Sebakannyi na Nyiramanywa batsinze iryo rushanwa ndetse ibinyamakuru bitandukanye bibandikaho inkuru.

Sebakannyi na Nyiramanywa bahesheje ishema ishuri ryacu. Umuyobozi w’ishuri yifashishije itumanaho n’ikoranabuhanga rya terefoni, yoherereza ubutumwa bugufi abayobozi, abarezi n’ababyeyi. Yarabatumiyemo ngo bazaze kwifatanya natwe mu birori byo kwakira ibihembo. Umuyobozi w’ishuri ryacu kandi yatumiye abanyamakuru ba radiyo na tereviziyo y’u Rwanda.

Umunsi ugeze, ibirori byabaye ariko manyway’ihangu. Ababyinnyi b’imbyino zitandukanye bari biteguye. Abakinnyi b’imikino inyuranye bari babukereye. Abanyamakuru baje bitwaje ibikoresho by’ikoranabuhanga byifashishwa mu gufata amajwi n’amashusho.



Abashyitsi, bari bahawe ibyicaro byiza bateguriwe. Ababyeyi aho bari bicaye bafotozaga za terefoni. Amafoto n'ubutumwa bugufi bakabyoherereza abandi ku mbuga nkoranyambaga mu buryo bwihuse.

Umuyobozi w'ikigo yashimiye cyane Sebakannyi na Nyiramanywa, adusaba kwirinda kuba ibinyeteri, adushishikariza kuba abasomyi n'abanditsi beza.

Sebakannyi na Nyiramanywa bahawe ijambo maze badusangiza ibyishimo byabo. Nuko tubaha amashyi n'impundu. Umushyitsi mukuru ushinzwe uburezi mu karere na we yashimiye by'umwihariko Sebakannyi na Nyiramanywa. Yashimye kandi uburyo umuyobozi w'ishuri ryacu yifashishije ikoranabuhanga akabasha gutumira abashyitsi benshi mu gihe gito.

Umuyobozi ushinzwe uburezi mu karere yahaye Sebakannyi na Nyiramanywa ibihembo. Ibyo bihembo byarimo ibikoresho by'ishuri, amakayi, amakaramu, imipira yo gukina n'iyi kwambara. Ikigo cyacu na cyo cyahembwe mudasobwa nshya n'ibitabo byongerwa mu cyumba k'isomero. Ku mugoroba w'uwo munsu, twashimishijwe no kubona ibirori byose byabereye ku ishuri ryacu biciye kuri tereviziyo y'u Rwanda! Harakabaho ikoranabuhanga n'itumanaho!

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni irihe rushanwa ryavuzwe mu nkuru ?
2. Ni bande batsinze iryo rushanwa ?
3. Umuyobozi w'ikigo yatumiye abantu mu birori akoreshe irihe koranabuhanga?
4. Ni akahe kamaro ko gutunga terefoni?
5. Ni ibihe bikoresho by'ikoranabuhanga bindi muzi?
6. Wumva uwaguha terefoni yajya ikumarira iki?

Iterambere iwacu



Kantengwa ni Umuyobozi w'Umurenge. Umunsi umwe yakoresheje inama abaturage bose bo mu murenge ayobora, abato n'abakuru. Inama yari igamije kwibukiranya akamaro k'ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga no kubashishikariza kubikoresha. Abaturage bagize umwanya uhagije wo gutanga ibitekerezo mu bwisanzure.

Yatangiye ababaza ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga biboneka aho batuye. Rurangwa aterura agira ati: "Hari radiyo itugezaho amakuru, ibiganiro bitandukanye n'injyana zinyuranye z'imiziki, tereviziyo itwereka imipira ikanatugezaho amakuru." Njyambere na we ati: "Hari n'ibindi bikoresho byinshi bitandukanye tutakwibagirwa, byifashishwa mu mirimo yo mu rugo batunganya amafunguro.

Ngwabije yongeyeho ko aho batuye ikoranabuhanga ryakemuye byinshi. Hari imashini zihinga, zitabazwa iyo ahahingwa habaye hanini. Yavuze kandi ko hari n'uburyo bwa gihanga bwo kuhira ibihingwa hakoreshejwe imashini. Hari izisya ibigori, amasaka, imyumbati, ubunyobwa, soya n'ibihwagari. Hari imashini zikoreshwa mu bwubatsi no mu bubaji. Yavuze ko hari n'izifashishwa bamesa imyenda. Ibyo byihutisha akazi n'umubare w'abakozi ukagabanyuka.

Mukangwije we yavuze kuri mudasobwa. Avuga ko ari igikoresho gifasha kunoza umurimo ugakorwa neza kandi vuba. Mudasobwa ikoresheya mu kwandika no kubara, mu itumanaho no mu kwiga ukoresheje interineti. Ibyo byose bidufasha mu bikorwa biganisha ku iterambere.

Inama yakomeje bungurana ibitekerezo ku kamaro k'ibikoresho by'itumanaho n'uko bikoresheya n'akamaro kabyo. Bavuze ko bibafasha gusabana, kumenya ibibera kure no guhana amakuru. Bibukiranyaga kandi ko ari ngombwa kwirinda kurangazwa na byo, kuko habamo ibifite akamaro n'ibirangaza. Nk'injyana z'imiziki kuri terefoni na tereviziyo, zishobora kurangaza abana ntibakore imikoro yo mu rugo cyangwa ngo basubire mu byo bize.



Bibukiranyije ko ibikoresho by'ikoranabuhanga bigomba gufatwa neza kuko ibyinshi byangirika vuba. Abari mu nama banakomoje ku kamaro k'ibikoresho by'ikoranabuhanga bitwara abantu n'ibintu. Bishimiye ko hari indege, amato n' imodoka bidufasha mu guhahirana n'abandi ndetse no gusurana.

Inama ihumuje, Umuyobozi w'Umurenge yashimiye abitabiriye inama. Abashishikariza kujya bakoresheya ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga, kuko byihutisha iterambere. Yanabibukije ko bagomba kujya babifata neza kandi bakabikoresheya mu buryo bukwiye.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni nde wakoresheje inama ?
2. Inama yavugaga ku ki ?
3. Abaturage bagiriwe iyihe nama ?
4. Ku bwawe kuki tugomba gukoresheya ibikoresho by'ikoranabuhanga?
5. Ni ibihe bikoresho by'ikoranabuhanga mufite mu rugo iwanyu? Bibafasha iki?
6. Ni iki mwirinda kugira ngo ibikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga mufite iwanyu bitangirika?

Harakabaho itumanaho



Umunsi umwe Rugambwa yagiye ku isoko kugura inkoko yo korora. Ageze hafi y’umurima w’imbwija abona umukambwe washwiragiye, amaze kurembeshwa n’inzara n’inyota. Rugambwa aramwegera amubaza uko yitwa n’aho ajya. Uwo mukambwe aramubwira ati: “Ashwi daaa! Sinzi aho njya ariko nitwa Ntirushwa, ubu undeba uku, nashwiragiye. Nari ndangariye imbwa yirukankanaga umushushwe wari uri kurya igishishwa k’ikijumba none nayobye.”

Rugambwa yabonaga Ntirushwa ageze mu za bukuru. Yamubajije niba imuhira nta muntu ufite terefoni ngo amuhamagare amuyobore. Ntirushwa ariyumvira yibuka ko afite agapapuro abana be bamwandikiyeho numero za terefoni agahereza Rugambwa. Rugambwa yahamagaye numero zari kuri ako gapapuro, yitabwa n’umukobwa wa Ntirushwa. Yamubwiye ko ari kumwe n’umukambwe Ntirushwa wayobye inzira. Uwo mukobwa amubwira ko batuye mu ntambwe nke uvuye ku mashuri ya Tambwe.

Rugambwa yiyemeje guherekeza Ntirushwa. Bashwekura berekeza ku mashuri ya Tambwe. Bahura n’umukobwa wa Ntirushwa aje kumureba, nuko barajyana bageza Ntirushwa mu rugo. Abana ba Ntirushwa bashimiye Rugambwa, bamuhemba inkoko n’imishwi yayo ngo age kubyorora. Bamwibutsa ko agomba gufata neza terefoni ntayiture hasi, ntanayimeneho amazi kubera ko ifite akamaro. Rugambwa yarabashimiye hanyuma arataha kuko ntiyaragikeneye kujya ku isoko kugura inkoko.

Mu nzira ataha, Rugambwa yumvise ijwi mu ndangururamajwi. Basabaga abantu gukwira imishwara, kuko hari imbwa yabagirira nabi. Iyo mbwa y'imbwebwe aho yanyuraga yirukankanaga abantu ishaka kubashwaratura ikarya n'amatungo. Rugambwa yibutse ko afite terefoni yamufasha mu itumanaho ahamagara ku kigo cy'abaporisi ngo baze babatabare.




Mu kanya nk'ako guhumbya, abaporisi bari bahageze. Ya mbwa y'imbwebwe barayifata, barengera ubuzima bw'abantu n'ubw'amatungo byo ku musozi wa Tambwe. Abaporisi bashimiye Rugambwa. Bashishikariza abaturage bari aho kujya bifashisha itumanaho mu kwicungira umutekano no kurengera ubuzima.

Rugambwa yakomeje urugendo ageze iwabo asobanurira abo mu rugo ibyo yahuye na byo mu nzira. Yababwiye uko yahembwe inkoko n'imishwi yayo kubera gufasha umukambwe Ntirushwa. Bose bati: "Harakabaho itumanaho rya terefoni."

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Rugambwa yahuye na Ntirushwa agiye he ?
2. Rugambwa yahamagaje iki umukobwa wa Ntirushwa ?
3. Ni iki cyatumaga abantu bakwira imishwara ?
4. Uramutse uyobye inzira y'aho ushaka kujya wabigenza ute?
5. Ubonye umuntu wayobye kandi uzi aho agiye wabigenza ute?
6. Ni akahe kamaro k'itumanaho?

Tubifate neza



Murindwa na Kundwa ni abana b'inkurikirane. Kundwa afite imyaka ikenda naho Murindwa afite irindwi. Abo bana bakunda gukubaganya ibikoresho byose babonye. Ababyeyi babo Ndwaniye na Mukamfizi bahora bibaza icyo bazabakorera kugira ngo bareke kubangiriza ibikoresho by'ikoranabuhanga.

Umunsi umwe, Ndwaniye arazinduka abanza gushitura inka uburondwe. Arangije ahamagara Mukamfizi ati: "Yewe Mukamfizi! Reba amasuka mu mfuruka tuge guhinga." Mukamfizi afata amasuka ariko ntiyafunga icyumba cyabo maze we n'umugabo baragenda. Bagitirimuka, Murindwa yinjira mu nzu abona ntibafunze icyumba. Nuko ahamagara mushiki we ati: "Kundwa we! Mama ntiyakinze ngwino dufate radiyo twiyumvire imiziki." Barinjira basohora radiyo.

Bakiri mu nzu, Kundwa abona terefoni ya nyina, arayifata abwira musaza we ati: "N'iyi terefoni tuyijyane maze nkwerekemo imiziki, nkwereke n'imikino myinshi ibamo ndetse n'amafoto." Bakinisha radiyo na terefoni, kugeza ubwo radiyo yavuyemo amabuye agatakara hasi.

Bitegereza amabuye ya radiyo, bashaka kureba niba no muri terefoni habamo amabuye atuma ivuga. Nuko barayihondahonda. Muri ako kanya, sekuru Nkundimfura araza abona hari ikintu kiri guhondwa na ba bana. Bamubonye bariruka, bajya kuyihisha mu byondo byari mu cyobo gifata amazi. Murindwa akandagiye muri ibyo byondo umusundwe umufata mu kirenge arataka. Sekuru ajya kureba igitumye ataka, asanga ni umusundwe umurumye, awumukuraho. Sekuru yahise anabona ya terefoni mu byondo, yari yamaze kwinjiramo amazi, irapfa.




Sekuru yababwiye ko terefoni bangije, ababyeyi babo bayifashishaga mu guhamagara abandi no gukoreraho byinshi nko kwakira no kohereza amafaranga. Ba bana birabayobera bati: “Yooo! Twangirije ababyeyi bacu weee!” Bakibivuga ababyeyi babo barahinguka. Mukamfizi ahita abona ko terefoni yapfuye abaza abana be ati: “Murabona ibyo mwakoze? Muzi ko ejo nyogosenge Mfitimana yanyoherereje amafaranga kuri iyo terefoni ngo mbagurire inkweto, none mukaba mutumye na yo nyabura?”

Murindwa arababara abwira nyina ati: “Izo nkweto zari gutuma ntazongera guhandwa mu kirenge.” Nuko ba bana bifatira ikemezo bati: “Twese tugomba gufata neza ibikoresho by’ikoranabuhanga kuko bidufitiye akamaro.”

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Murindwa afite imyaka ingahe?
2. Kundwa na Murindwa basanze nyina yibagiwe gufunga icyumba babigenje bate?
3. Ni nde wakijije Murindwa umusundwe?
4. Ese murakeka ko Murindwa na Kundwa bazabagurira inkweto?
5. Ni iki unenga muri iyi nkuru ?
6. Iyi nkuru ikwigishije iki?

Twahawe mudasobwa




Umunsi umwe ku ishuri twigaho rya Mpungwe habaye igikorwa cyo gutanga Mudasobwa ku banyeshuri. Izo mudasobwa zazanywe na Mfuranzima umukozi wa Minisiteri y’Uburezi, aherekajwe na Rudasumbwa Ushinzwe Uburezi mu Murenge wacu. Mbega umunsi tutazibagirwa!

Hari ku manywa y’ihangu tubona haje imodoka ebyiri. Imwe yari ivatiri, indi ari ikamyo ipakiye mudasobwa nyinshi. Umuyobozi w’ishuri ryacu Ntirushwa yadusohoye vubavuba tujya kwakira abashyitsi. Abarezi bacu badushyize aho dusanzwe dukorera inama. Ntibyatizze batwereka abashyitsi, barimo uturutse muri Minisiteri y’Uburezi n’Ushinzwe Uburezi mu Murenge. Umuyobozi w’ishuri yabahaye ikaze maze batubwira ibyo baduteguriye.

Rudasumbwa yateruye agira ati: “Hashize igihe gito, ikigo cyanyu kibonye umuriro w’amashanyarazi. Ubu ntumukiri mu mwijima. Abarezi babonera umuriro wa terefone hafi, bityo bigatuma babasha guhanahana amakuru n’abandi barezi bakungurana ibitekerezo. Ubuyobozi bw’ishuri bwabaguriye tereviziyo ku buryo mubasha kumenya amakuru, mukumva n’ imiziki irimo injyana zitandukanye. Uyu munsi rero Minisiteri y’Uburezi na yo yabazaniye mudasobwa.” Akirangiza iryo jambo twahise twiyamira, maze dukoma amashyamba y’urufaya. Ibyishimo byari byinshi.

Mfuranzima na we yahawe umwanya, azana agakarito karimo mudasobwa zirindwi, azikuramo, arazitwereka maze aratubwira ati: “Izi mudasobwa tubazaniye, ni kimwe mu bikoresho by’ikoranabuhanga, zizajya zibafasha kwiga neza. Yatubwiye ko mudasobwa ifite akamaro gakomeye mu myigire yacu. Tumena ko zizadufasha mu kwandika, mu kwiga amasomo atandukanye yaba Imibare, Siyansi, Ikinyarwanda, icyongereza n’andi.



Mfuranzima akimara kuvuga, abanyeshuri twese twongeye kwiyamira no gukoma amashyi menshi! Twumvaga ari umunsi udasanzwe ku kigo cyacu. Yakomeje atubwira ko nubwo duhawe mudasobwa, tugomba kuzitaho cyane, tukirinda kuzangiza. Buri mwana azajya yiga afite mudasobwa ye, ariko afite inshingano zo kuyifata neza, ntayishwarature, ntayanduze, ikajya irangwa n'isuku buri gihe.

Umunyeshuri uduhagarariye Mukundwa na we yasabye ijamba ashimira Minisiteri y'Uburezi, avuga ko batagomba kugirira impungenge mudasobwa. Yavuze ko tuzazifata neza kuko tumaze gucengerwa n'akamaro k'itumanaho n'ikoranabuhanga. Mu gusoza, yashyizeho akabyino ababyinnyi b'ikigo cyacu bacinya akadiho. Nuko umuyobozi w'ishuri ajya kwakira mudasobwa, natwe dusubira mu ishuri twishimye.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni ikihe gikorwa cyabaye ku ishuri rya Mpungwe ?
2. Ni bande bagiye gutanga mudasobwa ?
3. Nyuma yo kuganirizwa ku kamaro ka mudasobwa abanyeshuri biyemeje iki?
4. Ni ibihe bikoreho by'ikoranabuhanga mubona ku ishuri ryanyu?
5. Ubonye abanyeshuri bagenzi bawe bangiza ibikoreho by'itumanaho n'ikoranabuhanga wabagira iyihe nama?
6. Ku ishuri ryanyu mubona bifashisha mudasobwa ryari?

Agaseke ka Mukantaganzwa



Mukantaganzwa ni umwana w'umukobwa utarangwa n'ubuswa na gato. Agira amatsiko yo kumenya ibintu byinshi bitandukanye. Mu biruhuko yishimiraga kujya kwa nyirakuru i Muyunzwe. Nyirakuru yari azi kuboha ibiseke cyane akabigurisha ku buryo byamuteje imbere aba umworozi w'inkoko wa kijyambere. Mukantaganzwa yamaraga umwanya munini yicaye iruhande rwa nyirakuru, yitegereza uko aboha ibiseke noneho akamwigana. Buhorobuhoro agenda abimenya. Nyirakuru amwigisha no gushyiramo amabara atandukanye.

Mukantaganzwa yakomeje kugaragaza ubushake bwo kumenya kuboha ibiseke. Yiyemeza ariko kujya aboha uduseke duto kuko yabonaga yaboha twinshi mu gihe gito. Mu isomo ry'ubugeni ku ishuri, yabikoraga neza kandi ashishikaye bigatuma arusha bagenzi be. Umunsi umwe atashye avuye ku ishuri, yagiye kureba agaseke yabitse ngo azagahe nyirakuru amushimira ko yamwigishije kuboha, akihagera amera nk'ukubiswe n'inkuba kubera ko yasanze imiswa yarakariye. Biramubabaza cyane yiruka asanga ababyeyi be mu murima uhinzwemo amashaza. Yahageze yahagiye, icyunzwe cyamurenze, ababwira ikimubabaje, nyina aramuhumuriza amubwira ko azamushakira ibikoresho akaboha akandi gaseke keza.



Mukantaganzwa yakomeje kuboha uduseke ndetse aratinyuka atangira kujya yitabira amarushanwa. Mu yo yagiyemo yose, uduseke twe twegukanye ibihembo bishimishije. Mu karere k'iwabo yatsindiye igihembo cy'umunyabugeni ukiri muto, abantu bose bagatangazwa n'ukuntu umwuga we wo kuboha utamubuza kwitabira ishuri no gutsinda neza. Abantu kandi bashimishwaga n'ukuntu uduseke twe tuba tunoze kandi dutatse amabara meza.

Ageze mu mashuri yisumbuye ntiyaretse umwuga we wo kuboha. Yashinze ishyirahamwe ryo kuboha agaseke, yifatanya na bamwe mu banyeshuri biganaga, umubare w'uduseke baboha uriyongera. Yigiriye inama yo kwandikira nyirarume Sinseswa uba muri Amerika, amwoherereza amafoto y'uduseke twe amusaba ko yamushakira abazajya batumugurira. Nyirarume yahise amubonamo impano idasanzwe, amushakira abaguzi bo muri Amerika.

Ubu ishyirahamwe rya Mukantaganzwa rimaze kumenyekana hose kandi uduseke twe turakunzwe. Ni inyangamugayo ntatanga ruswa kandi iyo afite isoko ryo kuboha uduseke yubahiriza igihe kugira ngo amasezerano ye adaseswa. Ba mukerarugendo baza gusura ibyanya by'inyamaswa ntibagenda badasuye ibikorwa bye kubera ko uduseke twe dukunzwe cyane.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni nde uvugwa muri iyi nkuru?
2. Mu kiruhuko Mukantaganzwa yishimiraga iki?
3. Mukantaganzwa yabigenzaga ate iyo yicaraga iruhande rwa nyirakuru ?
4. Ni ibihe bikorwa wakora mu biruhuko byaguteza imbere ?
5. Ni ibihe bikorwa by'iterambere abanyeshuri bashobora gukorera ku ishuri ?
6. Ushingiye ku byavuzwe muri iyi nkuru, ni irihe somo ukuyemo?

Masenge yiteje imbere



Masenge yitwa Uwimpuhwe ni umuhinzi mworozzi. Afite isambu nini icyeyemo amaterasi y'indinganire. Kuri buri terasi, hateyeho ibiti n'ibyatsi birwanya isuri. Ibyatsi barabitema bakabigaburira amatungo. Ibiti na byo iyo bikuze barabyubakisha, ibindi bikavamo imbaho, ibisigaye bakabicana. Kubera ko amaze kuba inararibonye, masenge ubu yagizwe umuhwituzi mu bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi.

Mu kwezi gushize twaramusuye adutembereza mu mirima yahinzemo imyaka inyuranye no mu biraro by'amatungo. Twabanje gusura umurima w'ibihwagari uri hafi y'umugezi wa Ruhwa. Tumubaza impamvu bishishe kandi ari mu gihe k'impeshyi. Adusobanurira ko babivomerera amazi yo muri uwo mugezi wa Ruhwa. Yanatubwiye kandi ko umusaruro we w'ibihwagari iyo awujyanye ku isoko udakerenswa kuko utabamo ibihuhwe.

Twakurikijeho gusura amatungo ye. Uwimpuhwe atujyana aho yororera inkoko. Twatangajwe n'isuku idasanzwe irangwa mu nzu y'inkoko ze. Bazisasira bakoresheje ibisigazwa byo mu mabarizo. Azigaburira ibiryo byazo agura ku isoko, hamwe n'inswa abakozi bamutoragurira iyo zaguye. Buri muni inkoko za masenge zitera amagi, agakuraho ayo agemura ku isoko bakamuha amafaranga menshi.

Nyuma yaho, yadutembereje mu biraro by'inka ze. Tuhageze dusanga inyana zonswa na za nyina, nyuma izo mbyeyi zirakamwa. Uwimpuhwe adusobanurira ko amata bakamye bakuraho ayo banywa ayandi bakayagurisha. Mbere y'uko tugenda, Uwimpuhwe yongera guhwitura umushumba wazo ngo age yirinda kwahirira inka ibyatsi birimo amahwa.



Ubwo twasoreje ku biraro by'ingurube. Zabanje kuntera ubwoba kubera urusaku rwazo ariko mu kanya gato baziha ibiryo ziratuza. icyantangaje ku ngurube ni uko ziba zifite utwana twinshi. Turashimisha kutubona twonswa na nyina. Ubona twose dufite ubusambo, dutanguranwa konka. Iyo turuhutse turaryama tugahwekera, ukaba wakeka ko twahwereye.

Nyuma yo kudutembereza mu mirima no mu biraro by'amatungo ye, masenge Uwimpuhwe yatubwiye ko ubuhinzi n'ubworozi bimaze kumuteza imbere. Abona amafaranga yishyura amashuri y'abana be bitamugoye. Yanubatse amazu ku musozi uteganye n'umugezi wa Ruhwa.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Umurima wa Uwimpuhwe uherereye he?
2. Iyo Uwimpuhwe agemuye amagi ku isoko bamuha iki?
3. Amata bakama mu nka za Uwimpuhwe amara iki?
4. Ibiti biteye hafi y'iwanyu bibamariye iki?
5. Ni akaha kamaro k'amatungo yo mu rugo?
6. Ni ibiki umuntu ashobora gukora akiteza imbere ?

Ababyeyi biyubakiye ishuri



Ntwari na Mukantwari ni abana b'impanga. Bamaze kugira imyaka irindwi, se Mpatswe yabaguriye ibikoresho by'ishuri n'imyambaro mishya, abatangiza ku kigo cy'amashuri abanza cya Ntwaro. Bagezeyo bakirwa n'umuyobozi w'ikigo Rugemintwaza. Yahise abereka icyumba kinini cyarimo abandi babyeyi n'abanyeshuri bategereje ko ubuyobozi bw'ikigo bukorana inama na bo.

Bidatinze Rugemintwaza aba arahageze asaba abari aho ko batangira inama bibwirana. Buri mubyeyi yagiye ahagurutswa akavuga amazina ye, izina ry'umunyeshuri we uhiga ndetse akanamwerekana. Barangije, Rugemintwaza akomeza inama agira ati : "Murabona ko ikigo cya Ntwaro gitatswe. Biriya byumba by'ishuri bishyashya mubona na biriya bibuga by'imikino byubatswe n'intworerano twahawe n'ababyeyi barerera hano. Mu minsi ishize hubatswe umuhanda mwiza mu gihe abana bato bazaga ku ishuri bahatswe kubera umuhanda mubi. Ababyeyi bibutswa kandi ko abanyeshuri bagomba kujya babyutswa kare kugira ngo badakererwa ishuri.

Rugemintwaza yatanze umwanya ngo ufite ikibazo wese akibaze. Abari mu nama bose batungurwa no kubona Ntwari atera agatoki hejuru, bamuhereza indangururamajwi aravuga ati : "None se ko nabonye isomero riri hejuru mu igorofa, nzajya ngerayo nte kandi ngendera ku mbago ? Rugemintwaza ahita amubwira ati : "Humura rwose uzajya ujya mu isomero bitakugoye kuko iki kigo cyubatswe mu buryo bwa kijyambere budaheza.

Hateganyijwe inzira y'abafite ubumuga ku buryo bashobora kugera mu byumba bitandukanye bitabagoye." Yaboneyeho kubwira ababyeyi baje mu nama ko nta mwana n'umwe ukwiriye kuvutswa uburenganzira bwo kwiga ngo ni uko afite ubumuga kuko igihugu cyacu giharanira uburezi budaheza.

Abanyeshuri rero bagomba gutozwa gufata neza ibikoresho biri mu kigo birinda kubyangiza. Ababyeyi na bo bagomba kujya bitabira umuganda kugira ngo tubungabunge uyu muhanda hato utangirika maze iterambere ryacu rigasubira inyuma.”



Inama irangiye, ababyeyi batemberejwe ikigo cyose berekwa ibyumba bitandukanye. Bageze mu isomero birebera uko ibitabo bitondetswe ahabugenewe banerekwa aho abanyeshuri basomera. Basozereza mu cyumba k'ikoranabuhanga, bishimira iterambere ry'ikigo biyemeza kandi kujya batanga intwenerano igihe cyose bayatswe kugira ngo ikigo kirusheho gutera imbere.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ntwari na Mukantwari bigaga ku kihe kigo?
2. Intwenerano yubatse ishuri yatanze na bande?
3. Ni ukubera iki abana bato bazaga ku ishuri bahetswe?
4. Ni ibiki mwakora kugira ngo ikigo cyanyu gikomeze gitere imbere?
5. Ni gute ababyeyi bafasha ishuri ryanyu gutera imbere?
6. Ishuri ryanyu rifasha iki abafite ubumuga?

Urugendo shuri



Umuryango wange utuye i Rwinkwavu. Mu kiruhuko kinini gishize nge na mushiki wange Kankwanzi twabonye amanota meza. Mama wacu Murorunkwere adusezeranya kuzadutembereza ahantu hanyuranye ngo twirebere aho iterambere rigeze.

Umunsi wo gutembera ugeze, twarakarabye turipyinyura, twambara imyambaro n'inkweto data Nkwakuzi yatuguriye mu Matyazo. Uwo munsi mama atubwira ko ubwo tudahari ari we wahirira inkwavu. Bidatinze Murorunkwere aba arahageze atwaye imodoka. Mama adusezeraho, abwira Murorunkwere ko tumugurira ityazo ryo gutyazaho amasuka ye.

Tukigera mu muhanda twabonye imodoka nyinshi zitunyuraho nk'umurabyo ngo pyooo! Pyooo! Harimo intoya, inini n'izindi zikururana. Twibazaga impamvu imodoka zose zirimo kutunyuraho. Twaje gusanga Murorunkwere atwara yitonze ngo imodoka ye itazapyinagara yayigongesheje. Twiboneye kandi ko kuba hari imodoka nyinshi zitandukanye, ari ikimenyetso k'iterambere.

Tugeze i Kigali, Murorunkwere yatujyanye gutembera ku kibuga k'indege. Yatweretse indege, adusobanurira ko indege zitagenda ku butaka nk'imodoka ko ziguruka mu kirere. Yanatubwiye ko muri zo habamo izitwara abantu n'izitwara ibintu. Yatubwiye ko indege zifasha abantu kugera iyo bigwa hakoreshejwe igihe gito ugereranyije n'icyo bashobora kumara mu modoka. Yaboneyeho kutubwira ko mu Rwanda hari ikibuga mpuzamahanga cya Kanombe hamwe n'ibindi bibuga nk'ibya Kamembe na Rubavu.



Tumaze kwitegereza indege neza, twakomereje urugendo rwacu mu Karere ka Rubavu. Murorunkwere yatujyanye ahantu hari amazi magari, atubwira ko ari cyo kiyaga cya Kivu. Twabonyemo ibintu binini bitwaye abantu, Kankwanzi ariyamirira ati: “Biriya ni ibiki bigenda mu mazi? Murorunkwere atubwira ko ari amato atwara abantu n’ibintu. Adusobanurira ko ari ubundi buryo bwo gutwara abantu n’ibintu bukoreshwa mu mazi. Twamaze umwanya munini twirebera ikiyaga cya Kivu, tunareba abarobyi. Nyuma Murorunkwere adutembereza ku nkengero z’ikiyaga atwerekaza za hoteri zinyuranye.

Urugendo rwacu twarusoreje muri ako karere. Twarumenyeyemo byinshi byerekeye uburyo bwo gutwara abantu n’ibintu. Murorunkwere yadusezeranyije ko mu kiruhuko kinini gikurikiraho azadutembereza muri Pariki y’Akagera n’iy’Ibirunga, tukajya kwirebera ibyiza bitatse u Rwanda n’uburyo ba mukerarugendo basimburana kuza kubisura bagasiga amadovize.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni bande bavugwa mu nkuru ?
2. Ni ubuhe buryo bwo gutwara abantu n’ibintu Kankwanzi na musaza we babonye ?
3. Murorunkwere yasezeranyije Kankwanzi na musaza we ko ubutaha azabababereza hehe?
4. Ni ubuhe buryo bwo gutwara abantu n’ibintu ubona mu karere mutuyemo?
5. Uburyo bukoreshwa mu gutwara abantu n’ibintu bworoshya iki?
6. Ni ubuhe buryo bwo gutwara abantu n’ibintu ukunda kurusha ubundi? Kuki?

Iterambere ry'inyamaswa



Igihe kimwe inyamaswa zakoze inama nk'uko bisanzwe ziga ku kibazo cy'umutekano wazo. Inama irangiye, imparage isaba ijambo, iravuga iti: "Ririya soko ryacu rirashaje kandi ryuzuyemo imigina y'inswa. Nkaba nifuzaga ko nk'uko dusanzwe duhuriza hamwe imbaraga mu bikorwa by'iterambere, twagerageza tukubaka isoko ryacu mu buryo bwa kijyambere. Ibyo byatuma ubuhahirane bwacu n'utundi turere burushaho gutera imbere. Tumaze kuryubaka kandi twashyiraho abashinzwe umutekano bityo rikajya rihora ririnzwe. Inyamaswa zose zishima igitekerezo k'imparage.

Ntibyatizwe intare itumiza inyamaswa zose mu nama. Inama igeze hagati, intare yumva inyamaswa zimwe zihwihwisa niko kuzibaza iti: "Ko muhwihwisa, murahwihwisa iki?" Inkwane itera urutoki hejuru iravuga iti: "Nizihagurutswe zivuge ikizitera guhwihwisa." Ingwe irahaguruka iravuga iti: "Ntabwo twahwihwisaga ahubwo twajyaga impaka tuvuga ko buri nyamaswa yagaragaza uburyo isoko duteganya kubaka rizaduteza imbere." Intare iti: "Niba ari ibyo, umwanya ni uwanyu, nta nyamaswa n'imwe ihejwe."

Ingwe ifata iya mbere iravuga iti: "Igiterekerezo cyo kubaka isoko ni kiza cyane ariko muzampe isoko ryo kuryubaka kuko ndi rwiyezamirimo w'inkwakuzi udatanga ruswa. Amafaranga muzampa azatuma nubaka inzu yange, asigaye nyagire inkwano nge gukwa umukobwa wa Ntare." Inyamaswa zose ziraseka zirakwenkwenuka.

Inzovu na yo iti: “Nge isoko nirimara kuzura nzahita ngura imodoka nge ntwara imizigo yanyu. Dore mwajyaga muyitwara ku mutwe akenshi mukikubita hasi mugapyoka. Nzajya ntwara imizigo gusa ariko sinzajya ntwara inyamaswa hejuru yayo.” Inyamaswa zose ziyiha amashyi.



Intare imaze kumva ibitekerezo bya zimwe mu nyamaswa iravugaga iti: “Nshimiye inyamaswa zatanze ibitekerezo ariko icyadutwara amafaranga make ni uko twakwiyubakira twe ubwacu. Muri twe harimo abafundi babizi, harimo n’abafasha b’abafundi. Buri nyamaswa izatanga umusanzu wayo, duhurize hamwe amafaranga tugure ibikoresho bikenewe maze dutangire turyiyubakire. Inyamaswa zose zishima igitekerezo k’intare.

Hashize iminsi inyamaswa zose zikusanya amafaranga, zigura ibikoresho bikenewe byose. Zitangira kwiyubakira isoko. Zabanje gusenya imigina yose y’inswa, itaka rirasanzwa. Zimwe zikubaka, izindi zizihereza ibikoresho. Bidatinze isoko riruzura, zikora ubusabane bwo kwishimira iterambere zigezeho.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni iyihe nyamaswa yazanye igitekerezo cyo kubaka isoko?
2. Ni nde wubakiye inyamaswa isoko?
3. Zimaze kwiyubakira isoko zakoze iki?
4. Ni ibihe bikorwa by’iterambere biri mu karere mutuyemo?
5. Ni iki ushima ku gitekerezo intare yatanze?
6. Ni iki kigaragaza ko inyamaswa zivugwa mu nkuru zakundaga umurimo?

Abana ba Nkwaya



Nkwaya yari afite abana babiri ariko ntabashe kubitaho uko bikwiye. Yirirwaga yanjwa agasabiriza mu baturanyi, ntacyo yakoraga gifatika ndetse yatekeraga abana be ibiryo by’amanjwe. Abana be bari bararembejwe n’indwara zituruka ku mirire mibi. Bari barabyimbye amatama n’inda ukagira ngo inzuki zarabadwinze. Bari baragwingiye, umusatsi ureka kuba injwiri uracurama. Birirwaga badagadwa bakanahondobera kuko nta mbaraga bari bafite. Bari baranarwaye amaso ntibabashe kureba neza.

Nkwaya yageragezaga gushaka imiti yamuvurira abana ariko bikanga bikaba iby’ubusa. Yashakaga ibibabi by’ibimera bitandukanye birimo ibiti byitwa imidwedwe hanyuma akabisekura akabikamura agaha abana. Ibyo byose ariko nta cyo byamariraga abo bana be, ahubwo byabasubizaga inyuma.

Abaturanyi be baramunyangaga, bakamugira inama ariko ntiyumve. Umunsi umwe, baje kumusura bakubise amaso abana be barumirwa, bagira agahinda. Umwe mu baturanyi be aramubwira ati: “Kurya neza ntabwo ari ukurya ibihenze gusa. Nge nihatira guteka indyo yuzuye irimo ibiribwa birinda indwara, ibitera imbaraga n’ibyubaka umubiri.” Undi na we ati: “Nge mpinga imboga n’imbuto. Sinjya ngaburira abana bange amafunguro atarimo imboga n’imbuto.” Ibyo byose, Nkwaya abitega amatwi maze atangira kwibaza icyo na we yakora.




Bukeye bwaho, Nkwaya azindukira mu rugo rw'abaturanyi be kwitegereza uko bo bategura amafunguro yabo. Akihagera, abona abana b'aho bafite ubuzima buzira umuze, bafite n'umubiri mwiza. Ababyeyi babo barimo bategura amafunguro agizwe n'indyo yuzuye irimo ibirayi, dodo, indagara n'ibishyimbo. Arebye mu gikari, abona akarima karimo imboga nziza zitohagiye. Nuko Nkwaya atangira kwigaya, atekereza uko yakwikosora.

Ageze mu rugo akura amaboko mu mufuka, atangira gushaka no gutegura amafunguro agizwe n'indyo yuzuye. Nuko akajya agaburira abana be neza. Mu minsi mike, abana be batangira gutora akabiri, barashisha, bagira umubiri mwiza. Nkwaya na we agira ubuzima bwiza nuko aranezerwa. Kuva ubwo akajya ashishikariza abandi babyeyi kurinda abana babo indwara ziterwa n'imire mibi.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Abana ba Nkwaya bari barwaye indwara zituruka kuki?
2. Indyo yuzuye igizwe n'ibiribwa bimeze bite?
3. Nkwaya yazindukiye mu rugo rw'abaturanyi agiye kwitegereza iki?
4. Ni izihe ndwara uzi ziterwa n'imire mibi?
5. Ni ibihe biribwa mutegura iwanyu bituma mugira ubuzima bwiza?
6. Kugira ngo abantu bagire ubuzima bwiza wabagira iyihe nama?

Akanyamasyo n'igifwera



Akanyamasyo n'igifwera byari inshuti magara. Umunsi umwe, akanyamasyo kajya gusura igifwera. Kagenda gasodoka gatunguka mu rugo rw'igifwera. Gasanga kiryamye ku ikoma ry'insina. Karasuhuza, igifwera kirabaduka kigasanganira kishimye.

Akanyamasyo kati: "Ntiwamenya impamvu tugenda dusodoka kandi izindi nyamaswa zinyaruka? Igifwera kiti: "Impamvu tutihuta ni uko tugenda twikoreye inzu zacu aho tugiye hose." Nuko akanyamasyo kabwira igifwera kati: "Nta kundi twabigenza kuko tuba dukeneye no kwirinda ibintu byatwitura hejuru bikatwangiriza ubuzima." Igifwera na cyo kiti: "Ni byo koko! Uzi ko ejo wa musyi Nyirabusyete yashatse kunsyonyora umutwe, ngakizwa n'uko nari nibereye muri iyi nzu yange?" Akanyamasyo kati: "Nange ubushize umuturanyi Busyete yanteretseho urusyo inzu yange irankiza."

Igifwera kibwira akanyamasyo kiti: "Injira mu nzu hari ikintu nshaka kukubaza. Bigezeyo, kibaza akanyamasyo kiti: "Ese ubu nta kintu twakora ngo natwe tuge tubasha kwihuta nk'izindi nyamaswa?" Akanyamasyo kati: "Ndibutse. Inshuti yange yambwiye ko hari umukinnyi watsinze irushanwa ryo kwiruka kubera kunywa ibiyobyabwenge. Ngo byatumye agira imbaraga nyinshi abasha kwiruka cyane." Igifwera na cyo kiti: "Nange numvise ko hari itabi cyangwa ibyatsi abantu barya, bikabatera imbaraga. Reka na twe tugerageze, turebe ko twazajya tunyaruka."




Bukeye bwaho, akanyamasyo n'igifwera bizinduka bijya gushaka ibishobora kubyongerera umuvuduko. Bigeze mu ishyamba bibona umurima wari urimo ibyatsi bitohagiye. Akanyamasyo karahagarara, gaca ikibabi karihumuriza, kati: “Ngibi bya byatsi! Nta kabuzani byobifite impumuro idasanzwe.” Igifwera nacyo kirihumuriza cyumva impumuro ntisanzwe. Igifwera kiravuga kiti: “Ubwo tugize amahirwe tukabibona, reka turye ibibabi byinshi ndetse ibibabi byumye tubitekeremo itabi twitumagurire.” Akanyamasyo kati: “Ni ukwitonda, tukihutira gutaha kuko Gafwero nyiri umurima adufatiyemo, yadusya nezaneza. Mu kanya gato, biba bitangiye kuruka, bibyina muzunga, byiyesura hasi, bita ubwenge. Akanyamasyo n'igifwera, byombi ntacyamenye ko bwije.

Kera kabaye, akanyamasyo karazanzamuka. Kabwira igifwera kati: “Nshuti yange, kanguka dutahe dore bwatwiriye!” Igifwera kirandara, byombi bitaha bisodoka. Kuva ubwo byiyemeza kutazongera kunywa ibiyobyabwenge kuko byangiza ubuzima.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Akanyamasyo kagiye gusura nde?
2. Kuki akanyamasyo n'igifwera bigenda bitihuta?
3. Byagenze gute akanyamasyo n'igifwera bimaze kunywa ibiyobyabwenge?
4. Hari abana muzi banywa ibiyobyabwenge? Mwabagira iyihe nama?
5. Ni iki ushima muri iyi nkuru?
6. Iyi nkuru ikwigishije iki?

Imikino ntazibagirwa



Nitwa Semacwa. Mfite ubuzima bwiza, kuko ndya indyo yuzuye kandi ngakunda no gukina. Mu kiruhuko gishize, nagiyeye kuruhukira kwa sogokuru na nyogokuru, mpahurira na babyara bange. Twafatanyaga kwahirira inyana imicwira yameze aho basaruye amasaka. Nyuma y'ibyo ari ge, babyara bange n'abana b'abaturanyi, twakinaga imikino itandukanye ku kibuga kinini cyari hafi aho.

Umukino wa mbere wanshimishije ni uwo kwihishanya. Twihishaga ahantu hatandukanye. Iyo twageraga mu bwihisho, twaracwezaga kugira ngo udushaka adahita atuvumbura. Undi mukino wanshimishije ni umukino wo gusimbuka urukiramende. Twarushanwaga gusimbuka maze utabashije kurusimbuka cyangwa se ukubye ikibuno ku mugozi w'urukiramende akaba aratsinzwe.

Ndibuka turi gukina, abana babiri batanguranwe gusimbukira rimwe urukiramende, maze barategana, umwe agwira undi. Nuko arataka cyane ati: "Kuki undyamiye? Windyamira ye!" Sogokuru wari hafi aho atyaza indyabiti, yumva urusaku rukabije atabara bwangu. Akihagera twese turacweza. Aratubwira ati: "Nimusigeho gukina mushotorana kandi mwirinde kujya mu bihuru muticwa n'amahwa." Tumwizeza ko tutari bwongere, dukomeza gukina.



Umukino wa gatatu wanshimishije ni umukino wo gukora amashusho y'inyamaswa z'indyabyatsi, indyanyama n'indyabyose. Twese twafatanyije gushaka ibikoresho byo gukora izo nyamaswa. Dukora inyamaswa eshatu zitandukanye. Inyamaswa ya mbere yari inka yari ihagarariye inyamaswa z'indyabyatsi. Inyamaswa ya kabiri yari ingurube ihagarariye inyamaswa z'indyabyose. Iya gatatu yari intare ihagarariye inyamaswa z'indyanyama.

Icyo gihe twakurikijeho undi mukino wo guhuza izindi nyamaswa n'izo twakoze dukurikije ibyo ziryana. Nuko dufata za nyamaswa eshatu twakoze maze tuzishyira mu nguni zitandukanye z'ikibuga twakiniragaho. Twatangiyeye gukina umukino kuri izo nyamaswa. Umunyeshuri umwe muri twe witwaga Ndyamiye yavugaga izina ry'inyamaswa zitandukanye maze twese tukirukira ku nyamaswa twakoze ihagarariye iyo nyamaswa avuze dukurikije ibyo iryana. Uwajyaga ahatari ho yabaga atsinzwe akicara ku ruhanda areba abandi basobanya. Mbega umukino wambereye mwiza! Wari ushimishije kandi utuma ingingo zigororoka.

Twatashye tunaniwe, turiyuhagira, nyogokuru aduha icwende abikamo amavuta turisiga nuko turatarama. Mu nzuzi narotaga iyo mikino ntazibagirwa. Bwarakeye nsubira iwacu. Nari nishimye, mfite ubuzima bwiza buzira amavunane.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni iki gituma Semacwa agira ubuzima bwiza?
2. Ni iki Semacwa na babyara be bahiriraga inyana?
3. Vuga nibura imikino ibiri Semacwa na babyara be bakinaga?
4. Ni iyihe mikino mukunda gukina iyo muri mu rugo cyangwa ku ishuri?
5. Iyo ukoshereje mugenzi wawe ukamubabaza ubigenza ute?
6. Imikino imariye iki ubuzima bwacu?

Twirinde indwara



Inyamaswa zinyuranye zabanaga mu ishyamba rya Ntyazo. Zari zibayeho neza kandi zishishe. Zaje kurwara kwishimagura cyane, umubiri wazo ukavuvuka. Intare yibazaga icyo yakora igashoberwa. Nuko ihamagara igishuhe, inkotsa n'imparage, irazibwira iti: "Nzi ko muri intyoza kandi mutari inshyanutsi. Nsanzwe kandi nshyigikirwa namwe mu bibazo. None mwamfasha gushaka umuti w'iki cyorezo?" Imparage irayisubiza iti: "Reka tugerageze."

Igishuhe kiroha mu mazi, kigeze hakurya ku nkengero kibona inzovu zishishe. Kirazitegereza, kibona zimwezitera indabo, izindi zimesa. Zirangije ziryuhagira, zambara imyenda myiza. Zikaraba intoki zitangira kurya imbuto zironze. Igishuhe kiratangara kiti: "Mbega inyamaswa zifite ubuzima buzira umuze! Twe turazira umwanda pe!"

Inkotsa yo iguruka umwanya muremure. Iza kubona inkende zisimbuka mu mashami y'ibiti. Mu kanya gato, ibona ziramanutse, zikaraba intoki, zirya imineke, zinywa n'inshyushyu. Inkotsa irivugisha iti: "Ziriya nkende zigira isuku kandi zirashishe. Ndaza kubwira intare ibyazo." Imparage na yo yerekeza mu mukenke no mu ishyamba. Ibona imbogo, zambaye neza, zirimo kurya intyabire. Zirangije zikaraba intoki, zifata n'igitambaro kiza zirihanagura. Imparage irivugisha iti: "Ziriya mbogo zirashishe, nta n'indwara izirangwaho. Ndaza kubwira intare ibyazo."

Nimugoroba zigaruka mu ishyamba rya Ntyazo. Intare irazibaza iti: “Umuti muzanye urihe?” Inkotsa iratanguranwa iti: “Indwara turwaye iterwa n’uko tutiyuhagira, tukambara imyambaro itameshe, tukarya tudakarabye intoki, tukanarara ahasa nabi.” Igishuhe cyungamo kiti: “Ikindi ntitura imbuto ngo tunywe n’inshyushyu.” Imparage na yo iti: “Ntitura intyabire, nta n’imyitoto ngororamubiri dukora.” Intare iriyumvira iravuga iti: “Inyamaswa zose ejo duhurire ku ivuriro rya Nshyoma, muganga Mbogo adusuzume.”



Bukeye inyamaswa zijya kwa muganga, izikuze zitwaje inshyimbo. Zinjira imwimwe, Mbogo arazisuzuma. Arangije arazibwira ati: “Mwese murwaye indwara iterwa n’umwanda no kurya indyo ituzuye. Kugira ngo mwirinde indwara muge mukaraba kabiri ku munsu kandi musukure aho murara. Muge murya ibiribwa byiganjemo amata, imbuto n’imboga. Ikindi kandi mukore n’imyitoto ngororamubiri. Zishimira muganga Mbogo, zirataha. Zikurikiza amabwiriza ya muganga Mbogo. Nyuma y’igihe gito, zari zakize kandi zishishe nka mbere.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Inyamaswa zose zari zirwaye iyihe ndwara?
2. Nyuma yo gutembera ahantu hanyuranye igishuhe, inkotsa n’imparage zavuze ko inyamaswa zo mu ishyamba rya Ntyazo zirwaye iki?
3. Muganga wazisuzumye yazigiriye iyihe nama?
4. Ni iki wakora ngo wirinde indwara ?
5. Iyo tugiye kwivuza, muganga adufasha iki ?
6. Ubonye umwana mugenzi wawe atagira isuku wamugira iyihe nama?

Duharanire ubuzima




Hariho umwana witwaga Gahire. Amagufwa ye ntiyari akomeye bityo akagenda nk'akanyamasyo. Yari yarasyiginye bikabije. Yararwaragurikaga, agahora adagadwa. Yahorana muze bigatuma ahora yigunze. Se yitwaga Busyete, nyina akitwa Nyirantabire. Ntibari bazi gutegura indyo yuzuye. Bari boroye inka ariko inshyushyu bakamaga bakayigemura ku isoko. Imboga n'imbuto bezaga na zo barazigurishaga. Amafaranga babonaga bayaguraga ibiribwa by'amanjwe bikennye ku ntungamubiri. Babonaga abandi bana b'abaturanyi bashishe kandi bafite ubuzima bwiza bakibaza icyo bakorera umwana wabo kikabayobera.

Umunsi umwe, Busyete na Nyirantabire bibuka ko mu mudugudu wabo haba umugoroba w'ababyeyi. Nuko bigira inama yo kuwitabira, bajyana n'umwana wabo Gahire. Bagezeyo, bahasanze ababyeyi b'intyozza mu gutegura indyo yuzuye. Babakiranye ubwuzu. Babonye uko Gahire ameze, bagwa mu kantu! Bose baravugana bati: "Mwogacwa mwe, nimuze dufashe uyu mwana ugiye kwicwa na bwaki!" Nuko basaba Busyete na Nyirantabire gukurikira, bakiga gutegura indyo yuzuye.

Ako kanya, umujyanama w'ubuzima atangira kubaha inyigisho ibanziriza igikorwa cyo gutegura indyo yuzuye. Dore bimwe mu byo yababwiye: "Mu biribwa by'ingenzi bikenewe kugira ngo umuntu ategure indyo yuzuye, harimo ibyubaka umubiri ari byo binyamisogwe birimo ibishyimbo, soya, amashaza n'ubunyobwa.

Harimo kandi ibikomoka ku matungo nk'inyama, amata n'amagi. Nanone hakenewe ibitera imbaraga nk'imyumbati, ibijumba, ibirayi, ibigori, umuceri n'ibindi. Hakenewe ibirinda indwara ari byo imboga nka dodo, amashu, karoti... Ikindi ni imbuto nk'imineke, avoka, inanasi, amatunda n'ibindi.”



Busyete na Nyirantwabire bamaze kumva iyo nyigisho y'umujyanama baratangara. Baravuga bati: “Mbega ngo ubujiji buratuma tutita ku mwana wacu! Ibi byose tumaze kumva nta kigoranye kuko ibi biribwa byose turabifite mu rugo rwacu.” Mu mwanya muto, ababyeyi bari aho bafatanyije gutegura indyo yuzuye. Nuko bagaburira abana bahereye kuri Gahire. Gahire arashishikara, ararya arahembuka.

Kuva uwo muni, Busyete na Nyirantwabire batangira kujya bategura indyo yuzuye mu rugo iwabo. Mu minsi mike, ababonaga Gahire bose baramutangariraga kuko yari afite ubuzima buzira umuze. Busyete na Nyirantwabire bashimira ababyeyi babibafashijemo.

Ibibazo byo kumva inkuru

1. Ni bande bavugwa mu nkuru?
2. Ni iki cyatumaga Gahire ahora yigunze?
3. Ni iki Busyete na Nyirantwabire bungukiye mu mugoroba w'ababyeyi?
4. Ni ubuhe bwoko bw'ibiribwa buboneka iwanyu bugize indyo yuzuye?
5. Ni izihe ngaruka ziterwa no kutarya indyo yuzuye?
6. Ni iyihe nyigisho ukuye muri iyi nkuru?

